REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

RAPORO Y'IBIKORWA UMWAKA W'I 2004

Kigali, Werurwe 2005

B.P 174 Kigali * Tel: 571761, 571766 Fax: 571759
E-mail:unity@rwanda1.com * Website:
www.nurc.gov.rw

REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

B.P 174 Kigali
Tel: 571761, 571766 Fax: 571759

RAPORO Y'IBIKORWA
UMWAKA W'I 2004

Kigali, Werurwe 2005

E-mail:unity@rwanda1.com www.nurc.gov.rw

AMASHAKIRO

1. AMAGAMBO AHINNYE....4
2. IJAMBO RY'IBANZE....5
3. KOMISIYO Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE....8
3.1. IMITERERE YA KOMISIYO....8
3.2. INSHINGANO ZA KOMISIYO....9
3.3 GAHUNDA Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE MU MWAKA W'I 2004....10

4. IBIKORWA BY'INGENZI BYA KOMISIYO MU MWAKA WA 2004....10
4.1. KUVUGURURA IMIKORERE, KONGERERA KOMISIYO UBUSHOBOZI NO GUTEGURA POLITIKI Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE....10
4.2 GUSAKAZA INYIGISHO ZISHIMANGIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE MU BANYARWANDA....14
4.3 GUKOMEZA KUBAKA UBUMWE N'UBWIYUNGE MU MURYANGO NYARWANDA....17
4.4 GUSHYIGIKIRA IBIKORWA BY'INKIKO GACACA NK'UBUTABERA BWUNGA....24
4.5 GUSHIMANGIRA URUHARE RWA KOMISIYO MU BIKORWA BYO KWIBUKA JENOSIDE YO MURI 1994....27
4.6 GUFASHA ABANYARWANDA BATAHUKA, ABASEZEREWE MU NGABO, ABAFUNGURWA N'ABAHOZE ARI ABACENGENZI GUSUBIRA MU BUZIMA BUSANZWE NO KUBATOZA GUKURIKIZA GAHUNDA Z'IGIHUGU....28

5. IBYEREKEYE ABAKOZI N'ICUNGAMUTUNGO MURI KOMISIYO....48
5.1 KOMISIYO MU MYITEGURO Y'IGIKORWA CY'IVUGURURWA RY'INZEGO Z'IMIRIMO YA LETA....48
5.2 IBIREBANA N'ABAKOZI MURI KOMISIYO....49
5.3. IMIRIMO Y'ICUNGAMUTUNGO N'ICUNGAMARI MURI KOMISIYO....49

6. INZITIZI KOMISIYO YAHUYE NAZO MU GUSHYIRA MU BIKORWA IYI GAHUNDA....51

7. UMWANZURO....53

8. IMIGEREKA....53
8.1. ICUNGAMARI MURI KOMISIYO....53
8.2. IMYANZURO Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANA....56
8.3. IMYANZURO Y'INAMA NKURU Y'IGIHUGU KU BUMWE N'UBWIYUNGE: TARIKI YA 07 - 09 GICURASI 2004....60
8.4. BIMWE MU BIKORWA BY'UBUMWE N'UBWIYUNGE BYITABIRIWE N'ABAYOBOZI BA KOMISIYO HAGATI MU GIHUGU NO MU MAHANGA....61
8.5. ABASHYITSI BASUYE KOMISIYO....65

IMBONERAHAMWE YA KOMISIYO: KANAMA 2003....68

1. AMAGAMBO AHINNYE

ADEPR: Association des Eglises de Pentecôte du Rwanda
AERG: Association des Etudiants Rescapés du Génocide
AVRD: Association des volontaires pour la Réconciliation et le Développement
BBC : British Broadcasting Corporation
BCR : Banque Commerciale du Rwanda
BNR : Banque Nationale du Rwanda
CEPR: Conférence Episcopale du Rwanda
EER : Eglise Episcopale au Rwanda
EU : European Union
EX- FAR: Ex- Forces Armées Rwandaises
GSOB: Groupe Scolaire Officiel de Butare
GTZ : Gesellscft fur Technische Zusammernarbeit
IBUKA: Association IBUKA
ICS : Information and Communication Service
IRC : International Rescue Committee
ISAE : Institut des Sciences Agronomiques et Elevage
KHI : Kigali Health Institute
KIE : Kigali Institute of Education
KIST : Kigali Institute of Science and Technology
LWF : Lutheren World Federation
MVK : Mairie de la Ville de Kigali
MIFOTRA: Ministère de la Fonction Publique et du Travail
MIGEPROFE: Ministère du Genre et de la Promotion de la Famille.
MIJESPOC: Ministère de la Jeunesse, Sport et Culture
MINALOC: Ministère de l'Administration Locale ,des Affaires Sociales et de Développement Communautaire
MINEDUC: Ministère de l'Education, de la Science, de la Technologie et de la Recherche Scientifique
MINIJUST: Ministère de la Justice
NPA: Norwegian People's Aid
NURC: National Unity and Reconciliation Commission
ORINFOR: Office Rwandais de l'Information
OXFAM GB: OXFAM Great Britain
RDC: République Démocratique du Congo
RDRC: Rwanda Demobilization and Réintégration Commission
RIAM: Rwanda Institute of Administration and Management
RITA: Rwanda Information Technology Agency
SIDA: Syndrome d'Immuno-déficience Acquise
UMC: Union of Muslim Councils of East, Central and Southern Africa
UNICEF: United Nations Children Fund
UNR: Université Nationale du Rwanda

2. IJAMBO RY'IBANZE

Nkuko bigaragazwa n'itegeko Nshinga mu ngingo yaryo y'ijana na mirongo irindwi n'umunani (178) igika cya 7, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, isabwa gukora raporo ya buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, ku byerekeye ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Niyo mpamvu, ishingiye kuri iyo ngingo, ndetse no ku bikorwa binyuranye by'ubumwe n'ubwiyunge byaranze umwaka w'i 2004; Komisiyo ishyize ahagaragara raporo y'ibikorwa byayo.

Kuva umwaka w'i 2004 watangira waranzwe n'ibikorwa byinshi bijyanye n'ubumwe n'ubwiyunge. Ibyo bikorwa byakozwe n'inzego zinyuranye za Komisiyo zirimo urwego rw'Inama y'abakomiseri, Ubunyamabanga nyubahirizategeko, n'abakozi ba Komisiyo ni Ntara. Hari kandi n'ibikorwa byagiye bikorwa n'inzego zindi zaba iz'amadini cyangwa indi miryango yigenga cyangwa idashamikiye kuri Leta. Ibyo nabyo Komisiyo yagiye ibikurikirana kandi ikabigiramo uruhare mu buryo butandukanye.

Ku byerekeye ibikorwa nyirizina bya Komisiyo, kuva mu ntangiriro za 2004 (Mutarama), Komisiyo yashyize ahagaragara agatabo gakubiyemo gahunda y'ibikorwa byayo igaragaza n'uburyo bizakorwa.

Kuva mu kwezi k'Ukuboza 2003 kugeza muri Mata 2004 habaye imyiteguro y'Inama Nkuru k'ubumwe n'ubwiyunge. lyi Nama yaje idasanzwe kuko yari ibaye nyuma y'imyaka icumi abanyarwanda bari bamaze mu nzibacyuho. Imyiteguro yayo yaranzwe n'ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bumwe n'ubwiyunge byabereye mu Turere twose tw'Igihugu.

Habaye kandi inama nkuru y'abana bwa mbere mu mateka y'iki gihugu yari igamije guha abana ijambo; ibyifuzo byayo n'ibibazo bafite byagarutsweho n'abakuru kandi bagahabwa n'umwanya mu Nama Nkuru ku bumwe n'ubwiyunge. Komisiyo kandi yaganiriye n'abagize "Sosiyete Sivile" ndetse n'abanyamakuru kugirango nabo bagire uruhare batanga ibitekerezo mu mitegurire y'iriya Nama idasanzwe. Inama Nkuru ku bumwe n'ubwiyunge yateraniye i Kigali kuva taliki ya 7 kugeza kuya 9 Gicurasi 2004. lyi raporo irayigaragaza.

Komisiyo na none, yifatanyije n'izindi nzego za Leta ndetse n'abanyarwanda muri rusange, mu isabukuru yo kwibuka ku nshuro ya cumi Jenoside yo muri Mata 1994. Mu kwitegura iyo sabukuru, Komisiyo yatanze ibiganiro ku bijyanye no kwibuka n'ubumwe n'ubwiyunge: hari ibiganiro byatanzwe n'abakomiseri, ubunyamabanga nyubabahirizategeko ndetse n'abakozi ba Komisiyo mu Ntara.

Komisiyo yagize kandi uruhare mu gusana inzibutso z'itsembabwoko n'itsembatsemba. Urugero: ni isanwa ry'urwibutso rw'i Murambi mu Ntara ya Gikongoro. Ifatanyije n'izindi nzego zaba izo ku rwego rw'i Gihugu cyangwa se mu Ntara, Komisiyo yateguye ibiganiro hirya no hino mu gihugu (ku mirenge no mu mashuri) mu rwego rwo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Muri uyu mwaka kandi habaye ingando z'abafunguwe by'agateganyo baregwa ibyaha bisanzwe bagera ku bihumbi 3.918 bahuguriwe mu Ntara eshanu arizo Cyangugu, Gikongoro, Gisenyi, Kibungo n'Umujyi wa Kigali. Habaye kandi n'amahugurwa y'abayobozi b'inzego z'ibanze bagera ku bihumbi 15.878 yabereye mu Ntara zose z'igihugu mu rwego rwo kubakangurira inshingano zabo no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside. Habaye nanone ingando z'abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye bagera ku 1827 bitegura kujya muri Kaminuza za Leta n'andi mashuri makuru. Mu gukomeza iyi gahunda y'ubukangurambaga, habaye amahugurwa anyuranye y'Abakangurambaga ndetse n'ubusabane. Hakozwe kandi ubushakashatsi bunyuranye bugamije kugaragaza imyumvire y'Abanyarwanda kuri gahunda zinyuranye za Leta n'inzitizi zibangamiye ubumwe n'ubwiyunge.

Nkuko ibifite mu nshingano, Komisiyo yakomeje gucengeza gahunda zayo ibicishije mu mfashanyigisho yashyize ahagaragara zirimo: lyo gukumira no gukemura amakimbirane, igitabo ku burere mboneragihugu yateguye ifatanyije n'izindi nzego ndetse n'inyigisho zateguwe zizigishwa mu mashuri mato n'ay'isumbuye. Komisiyo kandi yibanze no kuri gahunda yo gushyigikira ibikorwa by'abaturage aho amashyirahamwe n'amatorero agaragaza ko afite ibikorwa bigamije ubumwe n'ubwiyunge yatewe inkunga.

Mu rwego rwo gukomeza kwiyubaka, Komisiyo yakomeje igikorwa cyo kuvugurura inzego zayo inatunganya inyandiko zitanga umurongo ku micungire y'abakozi n'umutungo. Hateguwe kandi amahugurwa y'abakozi, haba hagati mu gihugu no mu mahanga.

Mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zayo ariko, hari inzitizi nini Komisiyo igihura nazo nyinshi zigishingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri bikirangwa muri bamwe mu banyarwanda, ihungabana ndetse n'ubukene byose bikizitira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Mu guhangana n'ibibazo ihura na byo, Komisiyo izakomeza gahunda y'ubukangurambaga ishingiye cyane ku burere mboneragihugu yibanda ku rubyiruko rwo Rwanda rw'ejo, amadini, abayobozi n'amashuri. Hazashyirwaho uburyo bwo gukurikirana ibikorwa by'ivangura n'amacakubiri bishingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside. Ibi byose ariko, bigakorwa mu bufatanye n'izindi nzego. Komisiyo kandi izakomeza kunonosora politiki yayo inayishyire ahagaragara. Muri rusange, Komisiyo yakomeje kwibanda ku bikorwa byinshi kandi bitandukanye byafasha abanyarwanda b'ingeri zose kwimakaza umuco w'amahoro, ubworoherane byose bigamije ubumwe n'ubwiyunge.

lyi raporo rero y'umwaka w'i 2004, yateguwe kugirango ishyire ahagaragara ibyo bikorwa. By'umwihariko turashimira abantu bose badutera inkunga ngo ibikorwa byacu bitungane yaba inkunga y'amafaranga cyangwa iy'ibitekerezo.

Turashimira kandi abayobozi b'igihugu cyacu bakomeza gushishikariza abanyarwanda inzira y'ubumwe. Ntitwabura no gushimira abanyarwanda muri rusange bahora bitabira batizigama gahunda tuba twabagejejeho. Twizera ko twese ni dukomeza gufatanya intego yo kubumbatira ubumwe tuzayigeraho bityo Igihugu cyacu kigakomeza gutera imbere.

Murakoze.

Fatuma NDANGIZA
Umunyamabanga Nyubahirizategeko

3. KOMISIYO Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

3.1. IMITERERE YA KOMISIYO

Komisiyo y'igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ni Komisiyo ishyirwaho n'Itegeko Nshinga ikaba ishamikiye kuri Perezidansi ya Repubulika. Urwego rukuru rwa Komisiyo ni Inama y'abagize Komisiyo, igizwe n'abakomiseri cumi na babiri (12); Komite Nyobozi igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko.

Ubunyamabanga buhoraho bugizwe n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko, bwunganirwa n'Ubuyobozi bukuru bwa Progaramu: izi nizo Nzego Nkuru za Komisiyo.



Abakomiseri bagize Komisiyo (manda ya 2) mu ifoto y'urwibutso rw'inama ya gatatu ku bumwe n'ubwiyunge (07-09 Gicurasi 2004) na Perezida wa Repubulika n'abayobozi bakuru b'Inteko y'abadepite n'abasenateri. Ku murongo w'inyuma uhereye bumoso: Padiri Kayumba Emmanuel, Mpayimana Eliya (uwa gatatu) akurikiwe na Kayitesi Mathilde, Harerimana Mussa Fazil (uwa gatandatu) akurikiwe na Mitari Protais na Col. Nshizirungu Anselme. Imbere uhereye i bumoso: Fatuma NDANGIZA (ES), Antoine RUTAYISIRE (Vice Perezida), Dr. Jean Baptiste HABYARIMANA (Perezida) na Dr. Rose MUKANKOMEJE. Abatari kur'iyi photo ni: Hon.Nathanael MUGENZI, na Patric MAZIMPAKA (AU).

Mu bufatanye ndetse no mu bwisanzure bwa buri rwego, niho huzurizwa inshingano Komisiyo yahawe. Ku birebana n'amashami yayo, Komisiyo yari ifite amashami ane kugeza ku iherezo rya manda ya 2 ariyo aya:

- Ishami ry'uburere mboneragihugu;
- Ishami ryo gukumira, gukemura amakimbirane n'ubuvugizi;
- Ishami ry'igenamigambi n'icungamutungo
- Ishami ry'itumanaho n'itangazamakuru;

Guhera kuri manda ya gatatu (werurwe 2005) hiyongereyeho Ishami rya gatanu rishinzwe igenamigambi no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Komisiyo.

Komisiyo kandi igaragariza by'umwihariko ibikorwa byayo mu Ntara zose z'Igihugu, aho ihagarariwe n'abahuzabikorwa bashyira mu bikorwa inshingano zayo bagatanga raporo mu buyobozi bukuru. Muri manda ya 3 ya Komisiyo, abahuzabikorwa basimbuwe n'abayobozi bo mu Ntara bashinzwe gukurikirana ibirebana n'ubumwe n'ubwiyunge na Gacaca.

3.2. INSHINGANO ZA KOMISIYO

Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifite inshingano ihabwa n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo y'i 178 zirimo:

- **Gutegura no gushyira** mu bikorwa impaka rusange mu rwego rw'igihugu, zigamije guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda

- **Gukoresha uburyo bwose** bwafasha gukangurira abanyarwanda ubumwe no kubushimangira

- **Gushakashaka no gukwirakwiza** ibikorwa bigamije guteza imbere ubumwe bw'abanyarwanda no guteza abanyarwanda b'inzego zose umuco n'imikorere myiza, igamije, guhuza no kunga abanyarwanda

- **Kwamagana no kurwanya** ibikorwa, inyandiko n'imvugo bishingiye ku macakubiri

- **Gukangurira abanyarwanda uburenganzira bwabo**, kubatoza kubaka uburenganzira bw'undi wese, no kubaka umuco wo kubuharanira

- **Gutegura no guhuriza hamwe gahunda z'igihugu**, zigamije guteza imbere ubwiyunge bw'abanyarwanda

- **Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko**, agamije kurwanya amacakubiri, no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda

- **Gukurikiranira hafi uko inzego z'ubuyobozi zubahiriza ubumwe n'ubwiyunge** bw'abanyarwanda

- **Kugenzura** ko amashyaka, n'abantu bose muri rusange, bubahiriza amatwara ya politiki y'ubumwe n'ubwiyunge.

3.3 GAHUNDA Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE MU MWAKA W'I 2004

Ibikorwa by'umwaka w'i 2004 byari bishingiye ku ngingo cumi (10) zikurikira:

1. Kuvugurura imikorere, kongerera NURC ubushobozi no kunoza politiki y'ubumwe n'ubwiyunge.
2. Gusakaza inyigisho zishimangira ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda.
3. Gukomeza kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda.
4. Gushyigikira inkiko gacaca nk'ubutabera bwunga
5. Gushimangira uruhare rwa NURC mu bikorwa byo kwibuka Jenoside yo muri 1994.
6. Gufasha abanyarwanda batahuka, abasezerewe mu ngabo, abazafungurwa n'abahoze ari abacengezi, gusubira mu buzima busanzwe no kubatoza gukurikiza gahunda z'igihugu.
7. Gukomeza igikorwa cyo gutegura abayobozi b'igihugu beza b'ejo hazaza.
8. Gutangiza ikigo cy'amahugurwa cya NURC kiri i Nkumba mu Ntara ya Ruhengeri.
9. Gukurikirana uko inzego zinyuranye zubahiriza gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge.
10. Gukora raporo y'ibikorwa by'umwaka w'i 2004 no gutegura gahunda y'ibikorwa by'umwaka w'i 2005.

Iyi gahunda y'ibikorwa yakozwe ishingiye ku nshingano Komisiyo yahawe zimaze kwerekanwa haruguru. Bityo, uko igikorwa gikozwe kikaba kigamije kuzuza imwe muri izo nshingano.

4. IBIKORWA BY'INGENZI BYA KOMISIYO MU MWAKA WA 2004

4.1. KUVUGURURA IMIKORERE, KONGERERA KOMISIYO UBUSHOBOZI NO GUTEGURA POLITIKI Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE.

Muri iyi ngingo hakozwe ibikorwa byinshi binyuranye bikurikira:

a. Kuvugurura imikorere

Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge kuva mu kwezi kwa Mutarama ni 90, muri 26 ni abakorera mu Ntara.

Buri mukozi mu rwego arimo yahawe inshingano zisobanutse abazwa kandi akanazitangira rapo ku nzego zimukuriye.

- Ubuyobozi bufite gahunda y'inama ihuza abayobozi b'amashami buri cyumweru, mu rwego rwo guhuza gahunda zose z'ikigo kandi hakorwa n'isuzuma ry'ibikorwa biba byemejwe muri izo nama (Management meetings).

- Hateguwe inyandiko ngenga-mikorere (Internal Rules and Regulations) ikubiyemo amabwiriza agenga abakozi n'inyandiko ikubiyemo amabwiriza ajyanye n'iby'icungamutungo n'imari (Reference Manual). Ubu izo nyandiko zombi zaremejwe, zizashyirwa ahagaragara mu ntangiriro z'umwaka utaha, hagamijwe kugaragaza uko ikigo gicungwa, mu rwego rwo kunoza imicungire y'abakozi n'umutungo.

- Hashyizweho akanama gashinzwe gutanga amasoko muri Komisiyo, kugira ngo aya masoko yigwe kandi atangwe mu mucyo hakurikijwe amategeko.

- Ibikoresho bya ngombwa bikenerwa mu kazi byaraguzwe, abakozi hafi ya bose bafite aho bakorera.

b. Kuvugurura Itumanaho rya Komisiyo

Kubirebana n'itumanaho, Komisiyo ibicishije mu ishami ryayo ry'itumanaho n'itangazamakuru, mu kwezi kwa Mata 2004, yashyizeho umuyoboro wayo "Internet". Kuva mu ntangiro z'umwaka w'i 2005 "website" ya Komisiyo iri ku murongo www.nurc.gov.rw k'uburyo Komisiyo biyorohereza mu kazi kayo. Website ya Komisiyo igaragaraho inyandiko nyinshi ku bikorwa bya Komisiyo mu ndimi zivugwa mu Rwanda. Hatekerejwe no gushyiraho ibyandikwa ku bumwe n'ubwiyunge mu binyamakuru bitandukanye. Ibi bizafasha gushishikariza abanyamakuru kwandika ku bumwe n'ubwiyunge Komisiyo ibereka ko ibyo banditse bitangazwa no kuri site yayo. Iyi Website ifite n'urubuga Abanyarwanda aho bari hose bashobora kuganiriraho mu mpaka cyangwa bakoherezaho, "ubutumwa" bw'umwihariko kuri Komisiyo:

Komisiyo kandi ntihwema kugaragaza ibikorwa byayo mu binyamakuru. Mu gihe yiteguraga isabukuru y'imyaka icumi (10) jenoside ibaye mu gihe cy'icyunamo, ishami ryayo rishinzwe Itumanaho ryacishije mu binyamakuru IMVAHO NSHYA, UMUSESO n' INGANZO, inyandiko yavugaga ku "Kwibuka n'ubumwe n'ubwiyunge". Hari kandi n'iyasohotse muri New Times, bikozwe n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko ubwe. Hari n'Itangazo ryari muri uwo murongo w'icyunamo ryakanguriraga abanyarwanda kucyitabira. Komisiyo yasohoye inyandiko mu binyamakuru byo hanze. Urugero: muri "Jeune Afrique L'intelligent" n° 2256 yo kuwa 4/4/2004 hasohotse umugereka uvuga ku Rwanda na NURC igira uruhare mu gushyiramo inyandiko ijyanye no kwibuka imyaka icumi ishize Jenoside ibaye (urupapuro rwa 50-51). Iyi nyandiko yasohotse no muri "La Nouvelle Relève" nimero Spécial yo kuwa 08 Mata 2004 no mu kinyamakuru "Umurage" cyo kuwa 15-22 Mata 2004.

Hakurikiranwe uburyo ibiganiro kuri Radio na TV byasubukurwa. Amasezerano hagati ya Komisiyo na ORINFOR yarasinywe ku buryo ubu ikiganiro gihita kuri Radio buri cyumweru hagati ya saa saba n'igice na saa munani. Komisiyo kandi yumvikanye kenshi mu ijwi ry'Umunyamabanga Nyubahirizategeko kuri Radio Rwanda na Televiziyo ndetse no kuri Radio 10. Abakomiseri banyuranye nabo batanze ibiganiro binyuranye haba mu Rwanda haba mu mahanga. Ibyo biganiro akenshi byari bijyanye na gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge no ku myanzuro ya raporo y'abadepite ku kibazo cy'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Akanyamakuru ka Komisiyo karateguwe, kakaba gateganyijwe ari numero ebyiri zizasohokera muri imwe muri Mata 2005. Agaheruka kasohotse inama y'igihugu ku bumwe n'ubwiyunge iteranye muri gicurasi 2004. Inyandiko ziteganyijwe muri ako Kanyamakuru zikomoka ku bikorwa bya Komisiyo uko byatanzwe muri raporo 2003 na bimwe mu bikorwa byabaye muri 2004 nk'Inama y'Igihugu ku bumwe n'ubwiyunge, inama y'abana, ibiganiro bya Komisiyo n'abashakashatsi bo muri Afrika y'epfo, hakaba harimo n'ubuhamya ku bikorwa ntangarugero by'ubwiyunge byakurikiranywe mu Ntara.

Hakozwe kandi Cassette Video ku bikorwa n'ibiganiro binyuranye nka Grassroot Consultation, n'Ikinamico ya FOJAR.

Hakozwe kandi amafoto menshi ku bikorwa bya Komisiyo atunganywa mu buryo bwa Album, kuri Website, no mu nyandiko zinyuranye zitangazwa na Komisiyo.

c. Kongerera abakozi ubushobozi;

Nyuma y'uko buri mukozi mu rwego arimo ahabwa inshingano ze, Komisiyo yafashe gahunda yo kongera ubushobozi bw'abakozi ibinyujije mu mahugurwa:

Amwe mu mahugurwa yakurikiranywe n'abakozi bose ba Komisiyo.

- Kuva taliki ya 11-15/02/2004, abakozi bahawe amahugurwa mu gutegura imishinga mu bufatanye bwa NURC na IRC, abera muri Kicukiro Training centre (KTC);

- Ku ma taliki ya 24 na 25 Gicurasi 2004, nanone muri kiriya kigo, abakozi bahawe amahugurwa k'ubuvugizi "IDEA" ku bufatanye bwa NURC na GTZ;

- Guhera m'Ugushyingo 04 kugeza werurwe 05, abakozi 45 barahuguwe mu byerekeye ikoranabuhanga (ICT). Aya mahugurwa yakorewe kuri Rwanda Network Computers (Kicukiro) no kuri E-ICT (Nyarugenge).

Andi mahugurwa

Umubare w'Abahuguwe	**Ishami babarizwamo**	**Aho bahuguriwe**	**Icyo bahu guwemo**	**Igihe**
Umwe	Gukemura amakimbirane n'Ubuvugizi	Suwede	"Conflict Transformation"	13/03-24/05/2004
Umwe	Itumanaho n'Itangazamakuru	Maroc	"Communication Management"	07/2004
Umwe	Uburere Mboneragihugu	Kenya	"Women in Management"	06-15/09/2004
Umwe	Igenamigambi n'Icungamutungo	Uganda	"Planning, Monitoring and Evaluation"	27/8-03/09/2004
Umwe	Umuyobozi Mukuru wa programu	Rwanda	"Project Management".	Ibyumweru bibiri
Umwe	Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi n'Icungamutungo	Rwanda	"Good Corporate Governance for Directors and Senior managers".	Iminsi irindwi

Komisiyo kandi yagize uruhare mu gutegura amahugurwa agamije kongerera abakozi bayo n'abandi bakozi banyuranye barenga 60 baturuka mu miryango inyuranye yibumbiye muri Sosiyete sivile ifite aho ihuriye n'ubumenyi n'ubufasha mu bijyanye n'ihungabana. Aya mahugurwa yabaye hagati y'amatariki 12-15 Mutarama 2004 abera mu kigo Mamans Sportives. Mu kuyategura Komisiyo ya bifashijwemo na USAID, ayoborwa n'impuguke z'abanyamerika Profesor Ervin Staub Dr Laurie PEARLMAN.

By'umwihariko, aya mahugurwa yahaye abayitabiriye ubumenyi ngiro bwo kwigisha abandi inkomoko ya Jenoside, iyicarubozo n'ubundi bugizi bwa nabi kimwe no gutanga ubufasha mu by'ihungabana n'isanamitima. Bahavanye ubumenyi mu gukumira ibindi bikorwa bibi bisa nabyo byashobora kuvuka mu gihe kiri imbere kimwe n'isano ibi byose bifitanye n'ubumwe n'ubwiyunge.

Icyitonderwa: Mu rwego rw'ubufatanye n'izindi nzego, hari n'andi mahugurwa abakozi ba Komisiyo bagiye batumirwamo cyane cyane hakurikijwe ko iryo hugurwa rijyanye n'ishami umukozi akoramo.

d. Gushyira ahagaragara Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge

Muri iri vugurura kandi, hagombaga gushyirwa ahagaragara politiki y'ubumwe n'ubwiyunge. Umushinga w'iyo politiki waratunganyijwe, ukazashyirwa ahagaragara mu gihe cya vuba.

Iyi Politiki ishingiye ku ngingo nini ari zo:

1. Impamvu shingiro za Politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Iyi Politiki ishingiye ku isesengura ry'amateka y'u Rwanda ryerekana imiterere y'imibanire y'Abanyarwanda n'icyashenye ubumwe bwabo, bityo hagafatwa n'ingamba zo gusubiza ingaruka z'ibi bibazo haherewe ku mizi yabyo. Iyi ngingo itanga kandi ibisobanuro bijyanye n'uko ubumwe n'ubwiyunge byumvikana ndetse n'intera z'ubumwe n'ubwiyunge.

2. Ubumwe n'ubwiyunge nk'inzira y'amahoro u Rwanda rwiyemeje. Iyi ngingo igaragaza uko ubumwe n'ubwiyunge bwashenywe n'amacakubiri n'uko Abanyarwanda baganiriye ku cyakorwa ngo ubumwe bw'Abanyarwanda bwongere bwubakwe. Ibiganiro bisesengurwa ni ibyo mu Masezerano y'Amahoro ya Arusha n'ibyabereye muri Village Urugwiro kuva tariki ya 9 Gicurasi 1998 kugeza ku ya 13 Werurwe 1999.

3. Zimwe mu mpamvu z'amacakubiri amunga umuryango nyarwanda.
Muri izi mpamvu twavuga intambara zakuruwe n'abanyapolitiki, amacakubiri ashingiye ku bwoko, impamvu zishingiye ku burere bubi bwahawe Abanyarwanda, ibikorwa by'ihezwa ku byiza by'igihugu, kwimakaza akarengane, umuco wo kudahana ibyaha no kutavugisha ukuri, gutakaza umuco.

4. Intego n'ingamba za politiki y'ubumwe n'ubwiyunge. Politiki y'Ubumwe n'ubwiyunge ifite Intego rusange yo kubaka u Rwanda Abanyarwanda bose bibonamo bishingiye ku guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge nk'inkingi y'amahoro n'iterambere rirambye. Mu zindi ntego zihariye z'iyi politiki harimo ko umuryango nyarwanda ugomba kuba umuryango uzi gukemura amakimbirane kandi wubaka amahoro arambye, ubumwe n'ubwiyunge bigahora byitaweho hakorwa ibishoboka byose kugira ngo intambara n'ubwicanyi bishingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose

bitazasubira kubaho. Iyi politiki igaragaza ingamba zashyigikirwa ari zo: ubukangurambaga, ubuvugizi, imikoranire nizindi nzego n'ubugenzuzi.

5. Ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'ubumwe n'ubwiyunge. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki y'ubumwe n'ubwiyunge hagaragaramo uruhare rwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'inzego zindi nk'iz'ubuyobozi bukuru bw'igihugu n'ubwegerejwe abaturage, imiryango yigenga idaharanira inyungu n'amashyirahamwe, amadini n'abandi banyarwanda.

6. Ibizafasha mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'ubumwe n'ubwiyunge. Twavugamo imiyoborere myiza, ubushake n'ubushobozi bw'Abanyarwanda bwo kwikemurira ibibazo no kubaka igihugu cyabo, gahunda zitandukanye zigaragaragarira mu cyerekezo "Vision 2020" u Rwanda rwiyemeje kuganamo, ibisubizo bigaragarira mu Itegeko Nshinga Abanyarwanda bitoreye rishyiraho inzira n'inzego zinyuranye zifasha mu gukemura amakimbirane, gushyigikira amahoro no gucunga neza umutungo rusange.

4.2 GUSAKAZA INYIGISHO ZISHIMANGIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE MU BANYARWANDA

Kuri iyi ngingo hakozwe ibikorwa byinshi, iby'ingenzi bikurikira:

a. *Komisiyo yateguye igitabo ku burere mboneragihugu.* Iki gitabo cyateguwe mu bufatanye n'izindi nzego zirimo MINALOC, MINEDUC n'izindi. Ku buryo bw'umwihariko, mu mirimo yakorewe mu ishami rishinzwe Uburere Mboneragihugu, Komisiyo yagize uruhare mu gutunganya inyandiko ku ngingo zikurikira zirebana n'imibanire y'abanyarwanda n'ingamba zo kuyinoza.

1. Inkomoko ya Jenoside mu Rwanda n'ingaruka zayo
2. Gukumira no gukemura amakimbirane
3. Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda
4. Ubutabera bwunga

Abarimu bo mu mashuri abanza yo mu Rwanda bahuguriwe amasomo ari muri iki gitabo mu mahugurwa yateguwe ku bufatanye bwa NURC na MINEDUC.
Komisiyo ikomeje gufatanya na MINEDUC mu gutegura imfashanyigisho y'icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye mu byerekeranye na "Political Education". Komisiyo kandi yashyize ahagaragara imfashanyigisho z'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge.

Mu rwego rwo gukumira no guhashya ingengabitekerezo ya jenoside mu mashuri yisumbuye, hateguwe kandi imfashanyigisho igaragaza uko icyo kibazo giteye n'ibiganiro bibiri aribyo: Gukumira no gukemura amakimbirane mu mashuri n'icyerekeranye no guca amacakubiri mu mashuri.

Icyitonderwa: Ku byerekeranye no kwinjiza mu mfashanyigisho z'amashuri yisumbuye amasomo y'ubumwe n'ubwiyunge n'amateka, icyo gikorwa kiracyari inshingano ya Minisiteri y'Uburezi, usibye ko Komisiyo ikurikiranira hafi itegurwa ryazo.

b. *Komisiyo ibitewemo inkunga n'umuryango w'ibihugu by'ubumwe bw' i Burayi (EU), yifashishije impuguke yateguye imfashanyigisho ku gukumira no gukemura amakimbirane.* Iki gitabo gikubiyemo ibice by'ingenzi bikurikira:

1. Amakimbirane icyo aricyo n'uburyo bwo kuyasesengura
2. Ibiyatera n'uburyo abantu bayitwaramo
3. Uburyo bwo kuyakumira n'ubundi butandukanye bwo kuyakemura

Nk'imfashanyigisho iki gitabo cyagenewe abayobozi b'inzego zitandukanye, kugirango bakifashishe mu gukemura amakimbirane ashobora kuvuka cyangwa ayo bahura nayo mu buzima bwa buri munsi.

c. *Mu kwezi kwa Nyakanga, ku bufatanye bwa IRC, Komisiyo yashyize ahagaragara ubushakashatsi bwasojwe muri Werurwe 2004* bwari bugamije kwerekana icyo ibyiciro by'abanyarwanda bitekereza kuri gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi mu Rwanda na Demokarasi.

Ibikubiye muri ubwo bushakashatsi birerekana isano iri hagati yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage na demokarasi, birerekana kandi uko ubumwe n'ubwiyunge bwagerwaho bushingiye kuri ziriya ngingo n'ikizere abanyarwanda bafitiye abayobozi babo. Hifashishijwe izi mfashanyigisho, amasomo y'ubumwe n'ubwiyunge azakomeza agere ku banyarwanda benshi.

d. *Amahugurwa y'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge*

Abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge ni abanyarwanda b'inyangamugayo bemerwa n'abaturanyi babo kandi babafasha mu rwego rwo kugarura imibanire myiza hasi ku mirenge, bita ku bibazo by'ubumwe n'ubwiyunge. Bafite inshingano zo gusakaza inyigisho z'ubumwe n'ubwiyunge mu baturage no kugaragaza uko zakirwa muri rusange. Bafashwa na Komisiyo bahugurwa cyangwa se bashakirwa ibikoresho biborohereza ingendo muri icyo gikorwa bakora nk'abakoranabushake.

Imbonerahamwe y'Abakangurambaga bahuguwe

Intara	**Umubare w'Abahuguwe**
1. Butare	60
2. Cyangugu	60
3. Gitarama	60
4. Kibuye	30
5. Umujyi wa Kigali	54
6. Umutara	45
7. **Bose hamwe**	**309**

Nkuko bigaragara abakangurambaga 309 bo mu Ntara esheshatu barahuguwe. Aya mahugurwa yamaraga iminsi ine, akibanda ku ngingo zikurikira:

- Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge
- Uruhare rw'uburinganire n'ubwuzuzanye mu kwimakaza imibanire myiza n'amajyambere
- Uburyo bwo gukumira na gukemura amakimbirane
- Igenamigambi n'uburyo bwo gutegura imishinga icyiriritse
- Ubukangurambaga n'uburyo bw'isuzuma bikorwa.

Habaye kandi inama zo gukurikirana no gusuzuma biriya bikorwa by'abakangurambaga. Iki gikorwa cyamaraga iminsi ibiri muri buri Ntara yasuwe, kikibanda ku ngingo z'ingenzi zikurikira:

- Kumenya ibikorwa byakozwe n'abakangurambaga muri buri Karere
- Kumenya ingorane bahuye nazo n'uburyo zakemurwa
- Kumenya ibibazo bifitanye isano n'ubumwe n'ubwiyunge biri mu Karere

Izi nama nazo zakorewe mu Ntara esheshatu, aho abakangurambaga bari bamaze igihe bahuguriwe umur[i]mo wabo.

Izo Ntara ni: Byumba, Gikongoro, Gisenyi, Kibungo, Kigali-Ngali na Ruhengeri.

Ubwitabire muri buri Ntara buteye butya:

Intara	**Abitabiriye isuzuma**
Byumba	75
Gikongoro	60
Gisenyi	59
Kibungo	60
Kigali-Ngali	58
Ruhengeri	45
Bose hamwe	**358**

Nyuma y'ibi bikorwa hari n'ibindi byakozwe n'abayobozi bakuru ba Komisiyo hirya no hino mu gihugu bigamije gushyigikira gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge zisabanya abanyarvvanda, nkuko muri bubibone ku mugereka w'iyi raporo.

e. *Amahugurwa y'Inzego z'Inama Nkuru y'Igihugu y'Urubyiruko*

Abagize inama nkuru y'igihugu y'urubyiruko bateguriwe amahugurwa yari agamije kubagira abakangurambaga n'umuyoboro w'ubumwe n'ubwiyunge mu Ntara baturukamo no mu mirimo bakora. Aya mahugurwa yateguwe ku bufatanye bwa Komisiyo na GTZ yabereye mu ntara enye (4) arizo: Byumba, Kigali Ngali, Gikongoro na Kibuye.

N'ubwo ibiganiro byatanzwe byari bishingiye cyane cyane ku miterere y'ibibazo by'ingutu by'umwihariko buri ntara igenda ihura nabyo, ibyo biganiro byibandaga ku ngingo zikurikira:

- Amateka y'u Rwanda n'umuco
- Gahunda ya Leta y'Ubumwe n'ubwiyunge n'uruhare rw'urubyiruko mu kuyimakaza
- Jenoside n'ingengabitekerezo yayo (habaye ibikorwa byo gusura Inzibutso za Jenoside mu Ntara za Kibuye, Gikongoro na Byumba)
- Ibidukikije
- Kurwanya icyorezo cya SIDA

- Inkiko Gacaca
- Ikigega FARG n'imikorere ya cyo
- Itegeko ry'umuryango
- Ubukangurambaga
- Gukumira no gukemura amakimbirane n'Itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'iryo kurwanya amacakubiri
- Uruhare rw'urubyiruko mu iterambere
- Uburenganzira bwa muntu
- Imikorere n'imikoranire y'inzego z'ubuyobozi bwite bwa leta n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

Uko aya mahugurwa yitabiriwe muri izi Ntara bigaragarira mu mbonerahamwe ikurikira:

Intara	**Umubare w'abayitabiriye**
Kigali-ngali	66
Klbuye	50
Gikongoro	43
Byumba	58

4.3 GUKOMEZA KUBAKA UBUMWE N'UBWIYUNGE MU MURYANGO NYARWANDA

Kugirango ubumwe n'ubwiyunge butere intambwe buganirwa ku nzego nyinshi harimo n'urw'Inama Nkuru ku migendekere y'ubumwe n'ubwiyunge mu gihugu.

Uyu mwaka w'i 2004 habayemo Inama Nkuru idasanzwe nyuma y'imyaka cumi abanyarwanda bari bamaze mu nzibacyuho. Iyi nama yabanjirijwe n'imyiteguro yarimo ibiganiro ngishwanama byabereye ku rwego rw'uturere n'imijyi 106 bigize u Rwanda hagati ya 02 n'iya 23 Ukuboza 2003.

Ibiganiro byibanze ku ngingo ebyiri ari zo:

- Uburyo imibanire y'Abanyarwanda iteye muri iki gihe hagaragazwa ibishimwa n'ibinengwa;

- Inama zagirwa ubuyobozi muri rusange na Komisiyo ku buryo bw'umwihariko kugirango politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge ijyane n'igihe tugezemo. Ibi biganiro byasojwe bifatiwemo ingamba zikurikira:

4.3.1 INGAMBA RUSANGE ZAFASHWE N'ABITABIRIYE IBIGANIRO

a. Ibiganiro nyunguranabitekerezo n'abaturage hasi ku mirenge

Ibirebana n'ubutabera

- Gushyiraho abacamanza babyize kandi babishoboye.
- Kwihutisha itegeko rigena indishyi ku biciwe muri jenoside.
- Guhana by'intangarugero abahohoterwa abatangabuhamya b'inkiko gacaca.
- Ibikorwa by'inkiko gacaca ntibikwiriye guharirwa gusa abaturage b'abahinzi ; abayobozi, abakozi ba leta, abihaye Imana n'abandi bagomba kubibamo intangarugero.
    - Kwihutisha ivugurura ry'ubucamanza no guhugura abari mu nzego z'ubutabera.
    - Hari kandi no guhugura abaturage ku bijyanye n'amategeko abagenga.

Imikorere y'ubuyobozi

- Kurushaho kwita ku nyungu z'abayoborwa no kubarangiriza ibibazo.
- Hakigwa uburyo abagize Nyobozi z'utugari bagabanywa inshingano zigahuzwa, abasigaye bagashakirwa agahimbazamusyi.
- Gusobanurira abaturage impamvu zatumye hajyaho ibigega bibiri (FARG n'Icy'uburezi mu Turere) mu rwego rwo gufasha abatishoboye.
- Gukomeza gukangurira abaturage kwitabira Inkiko Gacaca no kuvugisha ukuri
- Gushishikariza abaturage kujya bitorera abayobozi bajijutse kandi b'inyangamugayo
- Gushyiraho uburyo buhamye bwo gusuzuma imikorere y'abayobozi no kubafatira ibyemezo igihe bananiranye.

Ku birebana n'ingaruka za Jenoside

- Kongerera ubushobozi ibigega n'imiryango bifasha abacitse ku icumu kugira ngo abagomba gufashwa bafashwe.
- Kwita ku nzibutso za Jenoside
- Guharanira ko Jenoside itazongera kubaho mu Rwanda n'ahandi hose.
- Kongera umubare w'abajyanama b'ihahamuka.
- Abakorewe ibyaha muri Jenoside bakwiye nabo gutegurirwa kwihangana, kwakira no kubana neza n'ababibakoreye bafungurwa.
- Ijambo "Ibisigazwa" rikoreshwa mu gushyingura abazize Jenoside ntiribaha icyubahiro ; hakwiye gukoreshwa gusa "Abazize Jenoside"

Ku birebana n'ubukungu n'imibereho myiza

- Gushyiraho abarimu b'ubuhinzi n'ubworozi mu cyaro

- Gushishikariza abaturage ubwishingizi magirirane bishyize hamwe.

- Gushyigikira ibigega by'uburezi by'Uturere n'Imijyi kandi nabyo bigakora mu mucyo.

- Gusaranganya abaterankunga mu Turere.

- Gukangurira abaturage kwibumbira mu mashyirahamwe no gukora imishinga ibyara inyungu bakoroherezwa uburyo bwo kubona inguzanyo

- Gukangurira abaturage akamaro k'imisoro no kuyihuza n'amikoro y'abasoreshwa n'ay'Igihugu.

Ibirebana n'imikoreshereze n'isaranganywa ry'ubutaka

- Kwihutisha itegeko rigenga imikoreshereze y'ubutaka.

- Guhuza ubutaka n'imirimo iberanye nabwo.

- Gusobanurira abaturage ibyiza by'isaranganya no guhana abakurura ibibazo mu isaranganya

- Gushimangira gahunda yo gutuza abantu mu midugudu.

Ibyerekeranye n'imishahara n'imperekeza by'abakozi ba Leta

- Guha ubwisanzure busesuye amasendika y'abakozi

- Abakozi bakwiye kugira urubuga batangiramo ibitekerezo mu igenwa ry'imishahara n'ibindi bijyanye nayo

- Imishahara ikwiye guhuzwa n'imiterere y'isoko ry'iki gihe

- Umukozi akwiriye guhita ahabwa imperekeza yemererwa n'itegeko igihe asezerewe.

- Ibirarane by'abakozi ba Leta bikwiye kwishyurwa.

Mu gutegura i Nama Nkuru ku bumwe n'ubwiyunge kandi, Komisiyo yagiranye ibiganiro na Societe civile n'Abanyamakuru, n'imitwe ya Politiki inategura Inama nkuru y'Abana, n'abandi. Ibi biganiro nabyo byagaragaje imyanzuro irebana no kubaka imibanire y'abanyarwanda hatangwa ibitekerezo byunganira ibyavuye mu Turere.

Komisiyo kandi yaganiriye n'amashyirahamwe y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, impuzamashyirahamwe nka : CCOAIB na PROFEMME, abahagarariye inzego z'Urubyiruko n'Abagore. Ibitekerezo bose batanze bikaba biri mu bice bitatu: Ibishimwa, ibyo banenga, n'ibyifuzo.

b . Ibitekerezo byatanzwe n'izo nzego

Ibyo abahagarariye "Société Civile" n'abanyamakuru bishimiye mu rugendo rw'Ubumwe n'Ubwiyunge:

- Kuba harashyizweho Guverinoma ihuriwemo n'abahutu, abatwa n'abatutsi nyuma y'itsembabwoko

- Kugarura umutekano mu gihugu no gucyura impunzi zigasubizwa ibyazo

- Urugamba rwo kurwanya amacakubiri hakavanwaho amoko mu ndangamuntu n'iringaniza mu mashuri no mu mirimo ya Leta ndetse no gutora amategeko abyubahiriza;

- Gushyiraho inzego zihariye zishishikariza zikanashimangira gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge

- Guhagarika ibikorwa by'ubucengezi no gukangurira Abanyarwanda kwitandukanya nabyo;

- Kuvanga ingabo zatsinze n'izatsinzwe;

- Gushyiraho gahunda y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'igihugu;

- Gushyiraho gahunda yo kurwanya ubukene;

- Gushyiraho gahunda y'ubutabera bwunga bushingiye ku Nkiko Gacaca;

- Gushimangira uburere mboneragihugu binyujijwe mu ngando;

- Gutegura no gutunganya amatora adashingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose;

- Kuvugurura no gushimangira umubano w'u Rwanda n'amahanga;

- Gushyiraho urubuga rwo guhurizamo ibitekerezo ku bibazo bireba Abanyarwanda bose (mu gihugu no hanze).

Ibyo banenze muri urwo rugendo

- Indishyi z'akababaro zidatangwa ku bacitse ku icumu;

- Imfashanyo z'abacitse ku icumu zidakoreshwa ibyo zateganyirijwe;

- Impunzi za 59 zitabonye ibyo zateganyirizwaga n'Amasezerano y'Arusha (urugero: kutagira aho zituzwa);

- Kutita bihagije ku bacitse ku icumu, ahubwo hakitabwaho cyane abatahuka barimo ababiciye n'imiryango yabo;

- Kudahana bihanukiriye abanyereje umutungo wa Leta;

- Ubwigenge bucye mu nzego z'ubutabera ;

- Kwikubira n'akarengane bikabije.

IBYIFUZO
Ibyagaragajwe n'Abanyamakuru:

- Kugira ubumwe n'ubwiyunge intego ya mbere mu bikorwa byabo bya buri munsi;

- Kumenyekanisha ibyiza byagezweho, hakavaho imvugo ya "NTA KIGENDA";

- Kurwanya ubukene, akarengane no kubungabunga umutekano;

- Gushyiraho urwego ruteganyijwe mu Itegeko Nshinga rushinzwe kubahiriza "uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere".

- Guha agaciro umunyamakuru, umuhanzi n'umwanditsi mu mikoranire yabo na Komisiyo;

- Gushyiraho urwego ruhoraho ruhuza abanyamakuru, abahanzi, abanditsi na Komisiyo;

- Gushyiraho ISERUKIRAMUCO ku bumwe n'ubwiyunge ryaba buri mwaka.

Ibyagaragajwe na Société Civile

- Gushyiraho urubuga ruhoraho rwo guhanahana amakuru hagati ya Komisiyo na "Société Civile";

- Kugira mu miryango igize "Sosiyete Sivile," ibikorwa byihariye kandi bifatika bishimangira ubumwe n'ubwiyunge;

- Gushimangira ubufatanye hagati ya Komisiyo na "Sosiyete Sivile" mu kazi k'ubuvugizi;

- Imiryango igize "Sosiyete Sivile" yarushaho kwinjiza muri gahunda zayo ibikorwa bigamije ubumwe n'ubwiyunge

- Komisiyo yajya itegura igenamigambi ry'ibikorwa byayo imaze no kwiyambaza inkunga y'ibitekerezo biturutse muri "Sosiyete Sivile";

- Komisiyo yafatanya cyane na "Sosiyete Sivile" mu gukangurira Abanyarwanda kurushaho kwitabira Inkiko Gacaca;

- Abanyarwanda bari mu Rwanda mu gihe cya jenoside bagomba kuba intangarugero kugaragaza ukuri kuri jenoside;

- Abayobozi bagomba kuba intangarugero mu kurushaho kwitabira Inkiko Gacaca;

- N'ubwo amadini ashimirwa uruhare rwayo muri gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge, agomba kurushaho gukomeza kwimakaza no kwigisha umuco w'amahoro;

- Mu gihe cyo gufungura abanyururu bireze bakemera icyaha, abarwayi, abana n'abandi barengeje imyaka y'igihano bakagombye kumara muri gereza, impande zombi zirebwa na Jenoside zigomba gutegurwa cyane cyane abacitse ku icumu;

- N'ubwo hatekerejwe urubuga hagati ya Komisiyo na "Sosiyete Sivile", Komisiyo igomba kugirana ubufatanye n'ibyiciro binyuranye bigize "Sosiyete Sivile" (urubyiruko, amadini, inzego z'abari n'abategarugori n'ibindi).

c. Ibyagaragajwe mu Nama Nkuru y'Abana

Mu nama yabaye kuva tariki ya 29 kugeza ku ya 30 Mata 2004 ikabera muri Hotel Intercontinental icyari kigamijwe ni uguha abana ijambo, bityo bakagaragaza imibereho yabo mu gihe na nyuma ya jenoside, icyo batekereza ku mahoro, ubumwe n'ubwiyunge, ndetse bagatanga n'ibitekerezo ku Rwanda rw'ejo hazaza bifuza. Ibi byose byaganiriweho muri iyi Nama Nkuru y'Abana yitabiriwe n'abayobozi bakuru b'igihugu barimo Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Bernard MAKUZA wafunguye imirimo y'inama ku mugaragaro akanayikurikirana. Imaze gufungurwa, abana bagize uruhare rugaragara mu miyoborere yayo kugeza irangiye.

Bimwe mu byo Abana basabye Leta

- Kubaka Ubuyobozi bwiza

- Guca umuco wo kudahana kuko ariwo watumye abanyarwanda bica abandi ntacyo bishisha

- Guteza imbere ubukungu n'ikorana buhanga

- Kurwanya ubujiji

- Guteza imbere ububanyi n'amahanga

- Abanyarwanda bose bagomba guhabwa agaciro by'umwihariko abana

- Kubaka inzego z'Abana guhera hasi mu tugari kugeza ku rwego rw'Igihugu

- Imanza zibera Arusha zazanwa mu Rwanda abana nabo bakagira ibyo babaza

- Ibiganiro n'abana byaba ngaruka mwaka

- Kongera ingengo y'imari ya Minisiteri y'Uburezi kugirango imfashanyigisho mu bigo by'amashuri zijye zibonekera igihe.

Ni muri iyi nama Komisiyo yiyemeje guteza imbere uruhare rw'abana n'urubyiruko mu kubaka amahoro, ubumwe n'ubwiyunge.

Hafashwe umwanzuro kandi ko ibyifuzo by'abana byakwinjizwa mu myanzuro y'Inama Nkuru k'ubumwe n'ubwiyunge mu nama yagombaga kuba mu kwezi kwa Gicurasi.

Abana bitabiriye iyi nama uko ari 250, nyuma yayo bakiriwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME, taliki ya 01/05/2004. Nawe yishimiye imyanzuro yose yari yayifatiwemo anayishyiraho umukono.

4.3.2. Inama Nkuru y'Igihugu ya gatatu y'ubumwe n'ubwiyunge

Inama Nkuru y'Igihugu ya gatatu k'ubumwe n'ubwiyunge yabaye kuva taliki ya 07 kugeza kuya 09 Gicurasi 2004, ibera mu nzu y'Inteko ishinga amategeko ku Kimihurura, ifungurwa kandi inasozwa ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME. Yatumiwemo inzego zinyuranye z'imirimo zirimo: abayobozi n'abayoborwa baba mu Rwanda, abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora), imiryango itegamiye kuri Leta, za "Ambassades", ndetse n'inshuti z'u Rwanda. Abitabiriye inama bageraga kuri 850.

Imirimo y'Inama

Imirimo y'Inama yibanze ku gukorera mu matsinda ku ngingo eshatu zizweho zirebana:

- N'urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge mu myaka icumi ishize (1994-2004) n'amasomo yavanwamo;

- Ubutabera nk'inkingi y'ubumwe n'ubwiyunge cyane cyane inkiko gacaca nk'ubutabera bwunga;

- Ubwenegihugu nk'ipfundo ry'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Mu matsinda atanu yakorewemo, buri ryose ryagaragaje imyanzuro yaryo mu nteko rusange bityo imyanzuro rusange ishingira ku bitekerezo byatanzwe byemewe na bose. By'umwihariko, nyuma y'inama, abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora) bahuye n'abayobozi banyuranye b'igihugu barimo n'ab'ingabo, muri Novotel Hotel baganira bisanzuye ku bibazo by'ubumwe n'ubwiyunge.

Bagiye kandi n'i Nasho mu Ntara ya Kibungo aho ingabo z'igihugu zihugurira. Zabakiranye ubwuzu n'urugwiro rwinshi, zinabereka ko zateye intambwe mu nzira y'ubwiyunge, nkuko abaturutse mu gihugu cya Kenya babyivugira muri raporo yabo yo kuwa 26 Kamena 2004 bohererereje ubuyobozi bwa Komisiyo.

NB: Imyanzuro y'Inama y'igihugu y'Abana n'ibyo abayobozi biyemeje gushyira mu bikorwa (Statement of Commitment) bigaragara ku mugereka w'iyi raporo, kandi Imigendekere irambuye y'iyi Nama isobanuwe neza muri raporo y'Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana yasohowe na Komisiyo mu kwezi kwa kanama 2004, kuva ku rupapuro rwa 20 - 22 rw'iyo raporo.

Kubyerekeranye n'Inama Nkuru ku bumwe n'ubwiyunge, imyanzuro yayo nayo iri ku mugereka w'iyi raporo no mu Ncamake ya raporo y'iriya Nama Nkuru yasohowe na Komisiyo mu kwezi kwa Nzeli 2004 ku rupapuro rwa 26 rwayo .

4.4 GUSHYIGIKIRA IBIKORWA BY'INKIKO GACACA NK'UBUTABERA BWUNGA

Muri iki gika, twahibukiriza ko Komisiyo ifatanyije na IRC, yashyize ahagaragara ubushakashatsi mu mwaka w'i 2003 ku birebana n'imyumvire y'abanyarwanda ku nkiko gacaca. Nyuma yaho Komisiyo ntabwo yicaye ahubwo yakurikiranye itangizwa ry'icyiciro cya gatatu cy'izi nkiko.

Muri iki gikorwa harimo gutegura no gutanga amasomo yari agenewe inyangamugayo z'inkiko gacaca akurikira:

- Ubutabera bwunga
- Gukumira no gukemura amakimbirane
- Kuyobora neza ibiganiro mu buryo budahutaza n'ibindi.

Aya masomo yose yarigishijwe nkuko byari biteganyijwe kandi ashyirwa mu mfashanyigisho.

4.4.1 Gukurikirana no kugenzura mu rwego rwo gukemura amakimbirane.

Mu rwego rw'ubugenzuzi no gukurikirana ibirebana n'amakimbirane hateguwe inyandiko-shingiro y'uburyo byakorwamo.

Bimwe mu bibazo by'amakimbirane byakurikiranywe harimo ibyo mu buyobozi bw'Itorero ry'Umunyanazareti n'irya Méthodiste Libre au Rwanda .

Komisiyo yakurikiranye n'amatora y'abunzi n'ayabagize inzego z'abagore yabaye mu Rwanda hose ku wa 12-16 Nyakanga 2004. Ayo matora yagaragaje ko abagore bamaze gutinyuka kwiyamamaza, ariko mu Turere tumwe na tumwe hagiye hagaragara ingorane, zimwe muri zo ni izi zikurikira:

- Abagore bamwe na bamwe batinyaga kwiyamamaza, hakabura abakandida ku mwanya uyu n'uyu, bigasaba inyigisho zo kongera kubibakangurira;

- Hari ahagaragaye ko abatoresha bagera aho bakirengagiza amategeko agenga amatora bigakurura amacakubiri;

- Hari n'aho aya matora atitabiriwe ku nzego z'utugari ku buryo bushimishije, bigatuma ahenshi adatangirira igihe;

- Amatora y'abagore hari aho yaranzwe n'ubwironde hakurikijwe ayahoze ari amakomini;

- Hafi abari basanzwe mu zindi nzego bashakaga kuzivamo ngo bitoreshe mu bunzi. Muri aya matora naho byagaragaye ko hatowe abantu hakurikijwe imiryango bakomokamo.

Ibi bibazo byagaragaye cyane ku nzego z'ibanze, ariko bigeze mu Turere no ku Ntara amatora yagenze neza, bitewe n'imyumvire y'abahatoreraga.

4.4.2 Ubufatanye n'izindi nzego

Hateguwe imfashanyigisho ku "Ubufatanye n'izindi nzego hagamijwe ubumwe n'ubwiyunge izifashishwa mu biganiro Komisiyo izagenda igirana na ba "partners/partenaires" mu biganiro byo mu Turere n'Imijyi.

- Mu myiteguro y'Inama y'igihugu y'abana, Komisiyo yafatanyije n'inzego zinyuranye. Ubwo bufatanye bwarakomeje kugeza aho hashingiwe "Advocacy group".

- Ifatanyije na MINEDUC, Komisiyo yinjiye mu rugamba rwo guhangana n'amacakubiri n' Ingengabitekerezo ya Jenoside mu mashuri.

- Ku bufatanye n'umushinga wita ku iyubahirizategeko, uburenganzira bw'ikiremwa muntu n'ubwiyunge bw'abanyarwanda uterwa inkunga na E.U. hagamijwe gushyigikira ibikorwa by'abaturage byimakaza ubumwe n'ubwiyunge, Komisiyo yatanze amagare ku bakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge mu Ntara zose. Aba bakangurambaga bagaragaza ibikorvva byinshi biri muri uwo murongo. Hatanzwe kandi n'isakaro mu miryango itishoboye, abapfakazi, impfubyi, z'ibana, abagore bafite abagabo babo bafunzwe bazira icyaha cya Jenoside n'abandi. Muri buri Ntara hatanzwe amabati yo gusakara amazu 30 y'abatishoboye . Iki gikorwa cyatangijwe ku mugaragaro n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko mu Karere ka Rusumo mu Ntara ya Kibungo taliki 30/08/2004.

- Hari n'izindi nkunga zatanzwe ku mashyirahamwe anyuranye no mu byiciro binyuranye hagamijwe gushishikariza abaturage gukorera hamwe no kwitabira umurimo.

Komisiyo yahuguye abazahugura abunzi mu mahugurwa yateguwe na MINIJUST Ayo mahugurwa yabaye mu mezi ya Nyakanga - Kanama 2004. Inyigisho zatanzwe ni:

- Uburyo bukoreshwa mu kunga abafitanye ibibazo ;

- Imiterere, ububasha n'imikorere ya Komite y'Abunzi

- Itegeko Ngenga Nr. 17 / 2004 ryo ku wa 20/06/2004 rigena imiterere ububasha n'imikorere ya Komite y'Abunzi n'Iteka rya Minisitiri w'Ubutabera rishyiraho amategeko ngengamikorere ya za Komite z'Abunzi.

- Kuva tariki ya 02 kugeza ku ya 20 Ugushyingo, MINALOC ifatanyije n'izindi nzego zirimo Komisiyo, yateguye, inakoresha amahugurwa y'abajyanama, abunzi n'abanyamabanga nshingwabikorwa bo ku rwego rw'imirenge. Ku ruhande rwa Komisiyo, amasomo yatanzwe ni abiri (2): Gahunda y'Ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda; n'Itegeko Rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri.

Muri rusange, abaturage mu mirenge bishimiye itegurwa ry'ariya mahugurwa, ariko banagaragariza abayateguye ibyifuzo byinshi cyane cyane ibireba MINALOC. Urugero: barasaba ko ikigega cy'uburezi mu Turere cyakongererwa amikoro kuko ubushobozi bw'abaturage ari buke, ndetse na za Mituweli (ubwisungane mu kwivuza)

zigakora nka RAMA kugira ngo umuntu uyirimo aho afatiwe hose n'indwara abashe kwivuza.

- Umuryango INTERNEWS wakoranye n'izindi nzego zirimo na Komisiyo zikorera mu Ntara ku birebana no gusobanurira abaturage n'abagororwa ibijyanye n'imanza z'abafungiye jenoside, haba mu gihugu cyangwa se Arusha. Ibi uyu muryango ubikora ukoresheje "cinema" yerekwa biriya byiciro byavuzwe haruguru; nyuma yazo, abaturage bakabaza ibibazo bakurikije ibyo babonye bishamikiye kuri Gacaca n'ubumwe n'ubwiyunge. Ibyo bibazo bisubizwa n'abayobozi bireba harimo n'umuhuzabikorwa wa Komisiyo mu Ntara. Muri uyu mwaka, uwo muryango wakomeje igikorwa cyawo cyo gusura Intara. Urugero: Cyangugu, Gitarama na Gikongoro. Muri rusange iki gikorwa gifite akamaro mu gusobanura gahunda za Leta zijyanye n'ubumwe n'ubwiyunge na Gacaca kandi cyacyirwa neza n'abaturage. Komisiyo yishimiye gukomeza gufatanya n'uwo muryango.

- Komisiyo yakiriye kandi ikorana inama zigamije ubufatanye n'amashyirahamwe akurikira :AFAVARD (M.V.K), Abadatenguhana (M.V.K Kanombe) , AJURC (M.V.K Nyamirambo) na ADD (Association de démunis dévoues).

4.4.3 Ubuvugizi n'Ubushakashatsi

Komisiyo yagiye yegera ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda bafite ibibazo byihariye (abana batishoboye, cyangwa bibana, abacitse ku icumu abapfakazi ba jenoside, abahungabanye kubera ibyababayeho, amashyirahamwe y'abatishoboye agamije kwiteza imbere,...) bakaganira maze Komisiyo ikabavuganira mu nzego bireba zinyuranye.

Komisiyo ariko ntiyahagarariye aho, ahubwo yakomeje gukora ubuvugizi ku buryo bugari. Ni muri urwo rwego yagiranye ibiganiro n'abanyamakuru bo mu gihugu no hanze (cfr Abanyamakuru basuye Komisiyo, urupapuro rwa 75) igamije kubagaragariza intambwe u Rwanda rwateye mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge no kubaka amahoro, no gushishikariza abanyamahanga n'abashoramari kugana u Rwanda no kurushyigikira. Yagiranye ibiganiro n'abandi banyamahanga (cfr Abashyitsi basuye Komisiyo,urupapuro rwa .....) ibasobanurira aho u Rwanda rugeze mu nzira y'ubumwe n'Ubwiyunge n'isura nyakuri y'u Rwanda muri iki gihe.

Ni no muri uwo murongo yagiye igirana ibiganiro byihariye n'Abanyeshuri bakora stage, ubushakashatsi n'inyandiko zijyanye n'ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'inkiko gacaca. Nyuma y'ibisobanuro bahabwa, banoza ubushakashatsi bwabo bugezwa kuri za Kaminuza n'ibigo baturutsemo hirya no hino ku isi, bukagera no ku batuye isi muri rusange. Ibigaragara muri ubwo bushakashatsi, bigenda bigaragaza intambwe u Rwanda rumaze gutera, atari mu bumwe n'ubwiyunge gusa, ahubwo no muzindi nzego.

Mu biganiro bigenda bitangwa n'ubuyobozi bwa Komisiyo mu manama mpuzamahanga abera mu Rwanda no hanze, mu bihabwa abanyarwanda batuye hanze y'u Rwanda , aho hose Komisiyo ibashishikariza kugira uruhare mu kubaka igihugu, ikanasobanurira abanyamahanga isura nyayo y'u Rwonda.

Gutanga raporo n'izindi nyandiko ku bikorwa bya Komisiyo; ku banyarwanda no ku banyamahanga bayigana, cyangwa se izicishwa kuri Website yayo, raporo z' ibiganiro ngishwanama k'ubumwe n'ubwiyunge, ibiganiro n'abana, inama nkuru ku bumwe n'ubwiyunge ; byose bifasha mu buvugizi ku nzitizi zikibangamiye ubumwe n'ubwiyunge n'iterambere , ndetse n'ibyiciro by'abanyarwanda bikwiye kwitabwaho.

Muri uwo murongo w'ubuvugizi n'ubushakashatsi Komisiyo yagize uruhare mu gutegura Inama yabereye ku Gisenyi kuwa 02-04 Ukwakira 2004. Intego y'iyi nama yari ukungurana ibitekerezo ku ruhare rwa gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge mu guteza imbere imyumvire myiza n'imiyoborere myiza mu Rwanda.

Abitabiriye iyi nama baturutse mu bihugu by'Afurika y'Epfo n'u Rwanda bifite byombi amateka maremare y'ubutegetsi bubi. Bunguranye ibitekerezo basanga buri gihugu gifite isomo cyakura ku kindi. Barangije inama biyemeje kujya bahura kenshi kugirango bungurane ibitekerezo ku ngamba zigamije guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'abenegihugu kimwe n'imiyoborere myiza.

Komisiyo kandi yagize uruhare mu gutanga ibitekerezo byoherejwe muri raporo ya 7 yatanzwe n'u Rwanda muri Komisiyo Nyafurika ishinzwe uburengazira bwa Muntu. Ibyo bitekerezo birebana n'ibyakozwe na Komisiyo (NURC) mu kurengera uburenganzira bwa muntu muri iyi myaka ine ishize. lyi raporo ikaba yarasuzumwe n'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika i Dakar muri Senegali mu mpera z'Ugushyingo 2004. ,

Ubushakashatsi kuri " Démocratisation na Décentralisation", ku "Nkomoko y'Amacakubiri mu Banyarwanda, "Ku ruhare rw'Abagore mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge , "Ku buryo abanyarwanda babona ivugururwa ry'imicungire y'ubutaka, ibi byose bigamije kugaragaza imyumvire y'abanyarwanda kuri gahunda zinyuranye za Leta. Inzitizi zigihari zikwiye kwitabwaho n'abafata ibyemezo na Komisiyo by'umwihariko, n'intambwe igenda iterwa ikwiye gushimangirwa.

4.5 GUSHIMANGIRA URUHARE RWA KOMISIYO MU BIKORWA BYO KWIBUKA JENOSIDE YO MURI 1994.

Ifatanyije na MIJESPOC, Rwanda Jenoside 10, GTZ, Ubuyobozi bwa National Museum n'izindi ; Komisiyo yagize uruhare rugaragara mu kwibuka Jenoside ku nshuro ya cumi(10). Ni muri urwo rwego, Komisiyo yafashije mu gikorwa cyo gusana urwibutso rw'itsembabwoko n'itsembatsemba rw'i Murambi mu Ntara ya Gikongoro. Aha hatunganyijwe bimwe mu byumba byarwo, ku buryo n'igihe ubuyobozi bukuru bw'igihugu bwahasuraga, ibikorwa byamuritswe ni ibyarukozweho na Komisiyo. Urugero: Icyumba cy'uburuhukiro ku uwo ariwe wese wagira ihungabana bitewe n'ibiboneka aho i Murambi.

Hari kandi ibyumba bibiri bindi birimo amafoto yerekana amateka ya jenoside mu Rwanda no muri Gikongoro ku buryo bw'umwihariko.

Habaye inama nyunguranabitekerezo ku rugendo rw'imyaka icumi habaye Jenoside ari naho higiwe uruhare NURC yagize mu gutunganya ruriya rwibutso rw'i Murambi, gukangurira abanyarwanda kwitabira ibikorwa by'icyunamo, no gushyingura mu cyubahiro abazize jenoside.

Muri iki cyiciro kandi niho hari gahunda yo gufasha abacitse kw'icumu no gufasha abandi batishoboye. Muri urwo rwego, NURC ibifashijwemo n'umuryango w'ibihugu by'uburayi

(Union Européenne) yatanze amabati y'amazu mirongo 30 muri buri Ntara. Nubwo yari nk'igitonyanga mu nyanja byibuze yaramiye bake muri benshi bari bayakeneye.

Ubuyobozi bwa Komisiyo kandi bwagize uruhare no mu myiteguro y'inama mpuzamahanga kuri Jenoside yabereye mu Rwanda kuva taliki ya 4 - 6 Mata 2004, butangamo n'ikiganiro ku mibanire y'Abanyarwanda nyuma ya Jenoside.

Ku gutegura ingendo zigamije gusura ahantu hanyuranye habereye itsembabwoko rikabije, izi ngendo ntizashoboye kuba nkuko byari byifujwe gukorerwa hirya no hino mu Ntara zabiteganyaga (urugero rw'Intara ya Ruhengeri), bitewe na gahunda zahuriranye.

Nyuma y'ibiganiro NURC yatanze hirya no hino mu gihugu bigamije gushishikariza abanyarwanda kwibuka, bikozwe n'abakozi bayo mu Ntara nabo ku cyicaro, na nyuma yo gufatanya n'izindi nzego mu myiteguro yicyo gikorwa, Komisiyo yifatanyije n'izo nzego kwibuka imyaka icumi ishize habaye jenoside mu Rwanda. Imihango yo kwibuka yabereye kuri stade Amahoro i Remera tariki ya 7 Mata 2004.

4.6 GUFASHA ABANYARWANDA BATAHUKA, ABASEZEREWE MU NGABO, ABAFUNGURWA N'ABAHOZE ARI ABACENGENZI GUSUBIRA MU BUZIMA BUSANZWE NO KUBATOZA GUKURIKIZA GAHUNDA Z'IGIHUGU.

Muri uyu mwaka, Komisiyo yashyize imbaraga ku gikorwa cyo gusubiza mu buzima busanzwe abafunguwe by'agateganyo n'itangazo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ryo ku wa 01 Mutarama 2003 kuko ibindi byiciro ni ukuvuga abasezererwa mu ngabo, abahoze ari abacengezi batahuka bateganyirizwa gahunda zihariye na Komisiyo y'Igihugu yo Gusubiza mu Buzima Busanzwe abavuye ku rugerero (RDRC).

4.6.1. Ingando z'abafunguwe by'agateganyo baregwa ibyaha bisanzwe

Isobanurampamvu

Nk'uko byari biteganyijwe, mu gihugu hose hafunguwe abagororwa bari bafungiwe ibyaha bisanzwe (bitari ibya jenoside) bari bamaze igihe kinini muri Gereza kirenga icyo bahabwa igihe icyaha kibahamye bagakatirwa. Nk'uko bisobanuye mu Itangazo rya Perezida wa Repubulika ryashingiweho babarekura; mbere y'uko basubizwa mu miryango yabo bagombaga kubanza kunyura mu Ngando. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifatanyije na Minisiteri y'Ubutabera yateguye Ingando z'igihe cy'ukwezi hagati y'itariki ya 22 Werurwe kugeza kuya 25 Mata 2004, ziteraniramo abagororwa bo mu Ntara zose z'Igihugu barebwa na ririya tangazo.

Intego rusange y'izi ngando

Intego rusange y'izi ngando yari iyo gutegurira abo bagororwa gusubira mu buzima busanzwe. Inyigisho bahabwaga zari izo kubafasha kugira imyitwarire n'imyumvire iboneye, ituma abo basanze ku misozi batabishisha, bakabana neza ku mirenge. Ibyo byabasabaga gufata icyemezo gikomeye cyo kwirinda gukora ibindi byaha byatuma basubira muri gereza. Ibi kandi ntibishidikanywaho ko benshi muri bo babikurikije, usibye ko na none hatabura abateshukwa bitewe n'uko abantu bose badateye kimwe.

Aho zabereye n'abagororwa bahuriyeyo:

Aho bahuriye	Abahuriyeyo	Umubare
Umujyi wa Kigali	MVK , Kigali Ngali	1291
Kibungo	Kibungo, Umutara na Byumba	737

Aho bahuriye	Abahuriyeyo	Umubare
Gikongoro	Gikongoro, Butare na Gitarama	1136
Cyangugu	Cyangugu na Kibuye	339
Gisenyi	Gisenyi na Ruhengeri	415
Bose hamwe		**3.918**

Abaje mu Mujyi wa Kigali bahurijwe i Kinyinya bari 1291, abagiye i Kibungo bahurijwe i Gati bari 737, ku Gikongoro bahurizwa mu Gatare ka Mushubi ari 1136, i Cyangugu bajya i Muhari ari 339, naho ku Gisenyi bahurizwa i Mudende ari 415. Bose hamwe bageraga ku bagororwa ibihumbi 3.918.

d. Imigendekere y'ingando

Muri izi ngando abagororwa bahigiye byinshi binyuze mu masomo anyuranye; ay'ingenzi muri ayo masomo akaba ari aya akurikira:

1. Guca umuco wo kudahana no kwihatira kubahiriza amategeko;
2. Ubukene mu Rwanda na Gahunda Guverinoma yafashe yo kuburwanya;
3. Gutegura no gucunga imishinga icyiriritse ibyara inyungu;
5. Ubutabera n’inkiko gacaca mu nzira y’ubumwe n’ubwiyunge;
6. Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu ;
7. Kurwanya indwara z'ibyorezo cyane cyane SIDA ;
8. Kurwanya icyorezo cy'ihohoterwa ry'abana cyane cyane ab'abakobwa ;
9. Kugira uruhare mu gucunga umutekano w'abantu n'ibintu ;
10. Uruhare rwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu kubanisha abanyarwanda;
11. Amateka y'u Rwanda nk'isoko y'amakimbirane ;
12. Gahunda ya Guverinoma.

Uretse n'aya masomo bahawe, abagororwa bakoze imirimo y'amaboko batozwa kuzatafatanya n'abandi kwitabira ibikorwa by'amajyambere igihe bazaba basubiye ku mirenge yabo. Basuwe n'abayobozi banyuranye babona umwanya wo kuganira nabo bisanzuye kandi bashishikarizwa kwibumbira mu mashyirahamwe batozwa kuzarangwa na "Disipline".

Icyitonderwa: Bamwe mu bagororwa bagaragaje uburara no gutoroka kwa buri kanya. Hagomba kujyaho gahunda ihamye yo kubakurikirana (Komisiyo ifatanyije na Polisi y'igihugu).

4.6.2. Ingero z'umusaruro utangwa n'izi ngando muri rusange

Ku birebana no kwinjira mu buzima busanzwe ku bavuye mu ngando (Réintegration sociale) Komisiyo ibigiramo uruhare rukomeye. Aha twatanga ingero kuri amwe mu mashyirahamwe yakurikiranye kandi ikorana nayo:

- Ishyirahamwe "Ukuri Kurakiza" ryo mu Ntara ya Gitarama, aho abarekuwe by'agateganyo bubakiye abacitse ku icumu basanze iwabo ku mirenge. Komisiyo yababaye iruhande, inabatera inkunga.

- Irindi ryitwa "Ukuri Kuganze" rifite intego y'imibanire myiza hagati y'abacitse ku icumu n'abafunguwe cyane cyane abafunguwe bireze bakemera icyaha bagaragaza aho abantu bajugunywe mu gihe cya jenoside. Iri shyirahamwe rikaba rikorera mu Karere ka Kicukiro (Umujyi wa Kigali), ryarasuwe kandi rimenyekanisha ibikorwa byaryo birimo amazu 28 yubakiwe abacitse ku icumu. No mu Nama Nkuru ku bumwe n'ubwiyunge muri Gicurasi - bamwe mu barigize batanze ubuhamya bujyanye n'imibanire yabo.

- Mu Kerere ka Kinigi/Ruhengeri hari ishyirahamwe "Vers Mbabarira" rigizwe n'abafunguwe by'agateganyo hamwe n'abacitse ku icumu, aho aba bafunguwe bubakira abacitse ku icumu. Komisiyo ibinyujije mu ishami ryayo rikorera mu Ntara ya Ruhengeri, ikurikirana iryo shyirahamwe uko bishoboka kose .

- Mu Ntara ya Butare ho hari, Abategarugori b'i Nyakizu (Runyinya-Karama), bafashijwe n'ishami rya Komisiyo rikorera i Butare, baregerewe batanga ubuhamya bwabo banasobanura uburyo bakorera mu ishyirahamwe ryabo ryitwa "Ubutwari bwo kubaho" bafashijwe na Padiri MASINZO Jerome, wabagiriye inama nyinshi akanabafasha mu mibereho yabo batagombye no guca mu ngando. Iryo shyirahamwe rigamije:

    - Kubaho no kubeshaho abandi
    - Kumva undi no kubwizanya ukuri
    - Kudahutazanya

Ibi bakaba barabitanzemo ubuhamya mu nama Nkuru ya gatatu k'Ubumwe n'Ubwiyunge yo muri Gicurasi 2004. Kuba bagaragajwe muri iki cyiciro ni uko bagizwe n'Abategarugori bafite abagabo bafunze, abacitse ku icumu ndetse n'abafunguwe.

Mu Ntara y'Umutara, mu Karere ka Bugaragara naho amashyirahamwe nk'ariya arahaboneka. Izi zari ingero nke zifatika, muri nyinshi ziboneka hirya no hino mu gihugu.

N.B. Ku birebana no gukangurira abanyarwanda bari hanze gutaha mu rwababyaye, Komisiyo yakomeje kuba umuyoboro unyuzwamo inyandiko, impaka n'ibiganiro bikangurira abantu gutaha.

Urugero: Ni abanyarwanda batumiwe baba hanze (diaspora) bagera kuri 80, bakurikiranye inama ya 3 ku bumwe n'ubwiyunge. Aba banyarwanda mbere yo kuza Komisiyo yabohererereje ubutumwa muri za "Ambasades" burebana n'iriya Nama. Basabwe gutanga ibitekerezo byabo, babitanga ku buryo bwa e-mail.

Komisiyo irateganya gukora isesengura ry'inyandiko za Diaspora n'izindi zakomeje kwandika nyuma y'inama. Ibyo biganiro na Diaspora bizakomeza biciye kuri web-site ya Komisiyo. Aha twahibukiriza ko bimwe mu bibiba ingengabitekerezo ya Jenoside, Abanyarwanda bari mu Rwanda babivoma kuri za Site Internet zandikwaho n'abanyarwanda baba mu mahanga cyangwa mu Rwanda, biyoberanya amazina yabo. Komisiyo izakomeza kunyomoza inkuru zikurura amacakubiri no gushishikariza Abanyarwanda bashaka gutaha mu rwababyaye kuza, kandi ikanabibafashamo.

Ingendo z'abayobozi ba Komisiyo i Burayi no muri Amerika zikangurira abanyarwanda bariyo intambwe igenda iterwa mu nzira y'ubwiyunge mu Rwanda, ndetse n'ibiganiro byatanzwe mu ngando z'abitandukanyije n'abacengezi mu byiciro binyuranye (urugero rw'ibitangirwa i Mutobo), ibi byose ni ingero zerekana ingufu Komisiyo ishyira muri iyi gahunda yo kuganira n'abanyarwanda bari hanze .

4.7. Gukomeza gutegura abayobozi b'igihugu beza b'ejo hazaza

4.7.1 Ingando z’abayobozi

Icyari kigamijwe

Izi ngando zabaye hagati y'italiki ya 20 Gicurasi n'iya 8 Kamena 2004 zari zigamije gushishikariza abo bayobozi gahunda ya guverinoma ikangurira amajyambere abayobozi b'inzego z'ibanze, bakamenya neza uruhare rwabo mu iterambere ry'abo bayobora, babungabunga umutekano w'abantu n'ibyabo; bakarwanya kandi akarengane mubo bayobora. Bashishikarijwe kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge n'imibereho myiza y'abaturage. Mbere y'uko barangiza izi ngando, bemeje gahunda y'ibikorwa banashyiraho uburyo bwo gukurikirana ibyo biyemeje bigenda bigerwaho. Bongerewe ubumenyi buzabafasha kuzuza neza inshingano zabo no kuvugurura imikorere n'imikoranire n'izindi nzego.

Ibyiciro byatumiwe muri izi ngando

- Izi ngando zari zatumiwemo abayobozi b'inzego z'ibanze ku buryo bukurikira:
- Abahuzabikorwa b'imirenge n'abanyamabanga babo;
- Abahuzabikorwa b'Utugari;
- Abahagarariye za C.D.C ku rwego rw'umurenge;
- Abasezerewe mu Ingabo;
- Abitandukanyije n'Abacengezi;
- Abahagarariye ba Local Defense Forces;
- Abafunguwe n'Itangazo rya Perezida wa Repubulika ryo kuwa 1 Mutarama 2003;
- Abahagarariye amashyirahamwe n'impuzamashyirahamwe;
- Abahagarariye inzego z'urubyiruko n'izabari n'abategarugori ku Mirenge;
- Inyangamugayo zihagarariye abandi;
- Abanyamadini;
- Bamwe mu batahutse vuba (2003);
- Abashinzwe amakuru ku Mirenge.

Uko ingando zitabiriwe:

Muri rusange izi ngando zagombaga kwitabirwa n'abantu ibihumbi 22.364 haboneka abagera ku bihumbi 15.879 bangana na 71%.

Intara	**Aho zabereye "SITES"**	**Umubare wari uteganyijwe**	**Umubare w'abitabiriye ingando**
1. MVK	ETO Kicukiro	1500	888
2. Kigali Ngari	Kabuga Buliza Rushashi Ngenda	2085	1341
3. Gitarama	Byimana Kamonyi Ruhango	1900	1550
4. Butare	Kansi Save Nyanza	3300	2086
5. Gikongoro	Kibeho Mubuga	1681	1115
6. Cyangugu	Nyamasheke Ntendezi	1725	1110
7. Kibuye	Rubengera Umujyi wa Kibuye Mugonero	1450	1064
8. Gisenyi	Kibihekane Nyange Inyemeramihigo	2020	1476
9.Ruhengeri	APICUR Musanze Janja Kirambo	2476	2061
10. Byumba	AP GIRUBUKI Esi Byumba Gsc Byurnba	1632	1274
11.Umutara	Gahini Nyagatare Rukoma	1215	688

12. Kibungo	Kabare Gishari Rusumo	1380	1226
BOSE HAMWE		**22.364**	**15.879**

Imigendekere y'ingando

Amasomo baboneye muri izo ngando ni menshi kandi yatanzwe neza, hafi ya hose. Ay'ingenzi muri yo ni aya:

1. Amateka y'u Rwanda mbere y'ubukoloni, mu gihe cyabwo na nyuma yabwo
2. Umutekano
3. Kwimakaza imiyoborere myiza
4. Kwimakaza ubutabera
5. Imibereho myiza y'abaturage
6. Guteza imbere ubukungu
7. Uburyo abavuye ku rugerero bakwitwara basubiye mu buzima busanzwe
8. Ihahamuka n'ihungabana
9. Gutegura imishinga icyiritse
10. Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

Izi ngando zasuwe n'abayobozi bakuru banyuranye, kandi bazitangamo n'ibiganiro. Twavugamo: Aba Minisitiri, aba Senateri, Abadepite, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Umunyamabanga Nyubahirizategeko wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'abandi. Ku buryo bw'umwihariko, abari mu Ngando mu Ntara ya Gikongoro basuwe na Nyakubahwa Ministiri w'Intebe anatanga ikiganiro ku "Kwimakaza imikorere myiza". Muri rusange, amasomo yagenze neza mu Ngando zose, kandi abagombaga gutanga amasomo bitabiriye icyo gikorwa hafi ya bose.

Ingamba zafashwe

Igitegerejwe kuri izi ngando kigaragazwa n'ingamba zafashwe mu kuzisoza kandi zikaba zigaragara ko zafatiwe muri buri Ntara. Izo ngamba ni izi zikurikira:

- Kwirinda ivangura iryo ariryo ryose no gukomeza gahunda yo guca akarengane
- Kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside
- Kuba intangarugero mu kubumbatira umutekano
- Kwitabira imirimo y'Inkiko Gacaca
- Kwitabira umurimo no kwishyira mu mashyirahamwe

Hari kandi n'izindi ngamba zirebana na gahunda zinyuranye z'igihugu:

- Gukangurira abaturage gahunda yo kwisungana mu kwivuza (Mutuelle de Santé)
- Gushishikariza abaturage gahunda y'imidugudu
- Gutera amashyamba, gukora amaterasi no kurengera ibidukikije

Nkuko bisanzwe muri gahunda y’ingando z’abanyenyeshuri, muri uyu mwaka hateguwe iyari guhuza abanyeshuri bazajya muri Kaminuza (UNR) no mu yandi mashuri (KIE, KHI na KIST) mu mwaka w’amashuri wa 2005; ISAE yo ntiyabonetse kuko yari yaratangiye amasomo y’indimi. Habanje igikorwa cyo

kwegeranya imibare y’abanyeshuri bazitabira izo ngando, ndetse hanashakishwa inkunga y’ibiribwa, imiti, itumanaho, amavuta y’imodoka, n’ibindi bikenerwa ngo ingando zibe.

Hakozwe gahunda y'amasomo nk'uko iboneka muri raporo yihariye y'agashami k'Ingando. Ingando zo muri uyu mwaka zatangiriye i Musanze tariki ya 16 Ukwakira, muri Kigombe ho mu Mujyi wa Ruhengeri. Icyiciro cya kabiri gitangira tariki ya 23 Ukwakira i Busogo ho mu Karere ka Mutobo, hombi akaba ari mu Ntara ya Ruhengeri.

Ingando ya Musanze yatangiye ifite umubare w'abanyeshuri bagera kuri 866, barangiza ari 861, naho i Busogo batangiye ari 971 harangiza 966.

Abatararangije ingando zombi byatewe n'impamvu z'uburwayi bukomeye, bigasaba ko basezererwa. Izi ngando zombi zatangijwe ku mugaragaro na Minisitiri w'Uburezi, Bwana Romain MURENZI ku wa 25 Ukwakira, zisozwa na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere rusange n'imibereho y'abaturage, Bwana MUSONI Protais, ku wa 04 Ukuboza 2004.

Imibare y'abahuguwe hakurikijwe ibigo by'amashuri bazigamo n'aho ingando yabereye:

IKIGO	**MUSANZE**	**BUSOGO**	**TOTAL**
1. UNR - BUTARE	437	457	894
2. KHI - KIGALI	92	90	182
3. KIST - KIGALI	169	196	365
4. KIE - KIGALI	163	223	386
Total/Site	**861**	**966**	**1827**

Hakurikijwe igitsina, abakobwa bitabiriye ingando bari 437, ni ukuvuga 24% b'umubare wose, naho abahungu ni 1390, ni ukuvuga 76%. Komisiyo yari yateganyije kwakira abanyeshuri 2000, haza 1827, bivuga ko ingando yitabiriwe kuri 91,3%.

Gahunda y'ibiganiro byatanzwe mu ngando

Nk'uko bisanzwe mu ngando zigamije umuco w'amahoro n'ubuyobozi bwiza, hatangwamo amasomo akubiye mu byiciro 4:

- Amasomo abafasha kumenya iby'ibanze mu gusesengura ibibazo (tools of analysis).
- Kuganira ku masomo agaragaza ibibazo by'igihugu cyacu (amateka).
- Impaka n'ibiganiro mu matsinda bigamije kubona ibisubizo kuri ibyo bibazo.
- Amasomo y'ubwirinzi: iki gikorwa kibafasha kumenya uko intwaro zikoreshwa kugira ngo ubwiru bujyana nazo bucike, bityo zikumvikana nk'ibikoresho byo kurengera igihugu n'abagituye, aho gukoreshwa mu migambi mibisha.

Uretse amasomo, abari mu ngando ya Busogo bifatanyije n'abaturage gutera igiti.

Muri rusange amasomo yari ateganyijwe yatanzwe ku ijanisha rya 97%, abarimu batumiwe mu gutanga ibiganiro mu ngando zombi barabyitabiriye n'abataraje batumaga ababahagarariye.

Imibereho y'abari muri izi ngando zombi yari imeze neza kuko bari bafite ibibatunga bihagije kandi bagakurikiranwa n'abaganga umunsi ku wundi.

Ku birebana n'ikurikiranwa ry'abavuye mu ngando zabanje, imbuto ihari igaragara ni za ''clubs'' z'ubumwe n'ubwiyunge zagiye zivuka mu mashuri makuru cyane cyane ayo mu mujyi wa Kigali, mu ishuri rya Busogo na Kaminuza y'u Rwanda mu Ntara ya Butare.

Ariko kubera ikibazo cy'amikoro haracyari inzitizi kubera umubare munini w'urubyiruko rurangiza amashuri yisumbuye udashobora guca mu ngando, bityo inyigisho zazo zigahabwa umubare muto cyane w'abanyeshuri bajya muri Kaminuza za Leta. Byaba byiza ziriya nyigisho zigeze ku bantu benshi; na za Kaminuza zigenga zigashakirwa umwanya.

4.8. GUTANGIZA IKIGO CY'AMAHUGURWA CYA NURC KIRI NKUMBA MU NTARA YA RUHENGERI.

Icyemezo cyo kubaka ikigo cy'amahugurwa cya Nkumba cyafashwe bivuye mu mishyikirano hagati y'inzego zinyuranye, zishingiye ku mateka y'amacakubiri yaranze abanyarwanda. Icyo kigo kikaba cyakwibanda ku nyigisho zimakaza amahame y'amahoro, ubworoherane n'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Ubu imirimo y'iyubakwa ry'icyo kigo igeze ku musozo, ariko ntabwo umwubatsi yari yagishyikiriza bene cyo ku mugaragaro. Ubu hatanzwe imbanziriza mushinga yerekana amateka yacyo n'ikizakorerwamo. Ikipe ishinzwe imitangirire yacyo ikazatunganya neza umushinga nyiri zina bityo ubuyobozi bukagena n'igihe cyatangirizwa. Uyu mwaka rero ukaba ushize kitaratangira, ariko kiri muri gahunda zihutirwa.

4.9. GUKURIKIRANA UKO IZINDI NZEGO ZUBAHIRIZA GAHUNDA Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE.

Komisiyo yifashisha ubushakashatsi kuri gahunda z'igihugu zinyuranye kugirango isesengure uburyo izo gahunda zishimangira amahame y'ubumwe n'ubwiyunge. Ingero: Ubushakashatsi ku nkiko gacaca, ku kwegereza abaturage ubutegetsi na Demukarasi n'ibindi.

Komisiyo ikoresha n'ibiganiro ngishwanama n'abaturage kugirango hagaragare ibimenyetso by'imibanire myiza n'inzitizi ku bumwe n'ubwiyunge. Raporo ivuyemo, Komisiyo iyishyikiriza inzego zinyuranye, zaba iza Leta, imiryango itegamiye kuri Leta, bityo inzitizi n'ahari intege nke hagakosorwa hagamijwe imiyoborere myiza n'iterambere ry'Abanyarwanda. Ikindi kandi bifasha n'inzego zinyuranye gusobanurira abanyarwanda gahunda zinyuranye no gufata ingamba zo gukosora ibitagenda. Mu nama za buri kwezi, zikorwa n'abakomiseri, niho higirwa kandi hagatangirwa imirongo minini iyobora ibikorwa bya Komisiyo. Ni naho kandi hemerezwa icyakorwa ku barengera babiba amacakubiri mu bantu, nk'abakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside. Haba mu kuganira n'abanyarwanda, haba mu nyandiko abagize Komisiyo bagiye bamagana abafite gahunda yo kudindiza inzira y'ubumwe abanyarwanda biyemeje.

Tugarutse kuri iyi nshingano ariko, twavuga ko itaranozwa neza, kuko hari hagikenewe gushyira ahagaragara politiki y'ubumwe n'ubwiyunge no kubaka ubushobozi bwa "Monitoring". Bityo harateganywa kwita kuri iki gikorwa mu mwaka utaha w'i 2005.

4.10. BIMWE MU BIKORWA BINDI BINYURANYE BIGARAGAZWA N'ABAKOZI BA KOMISIYO MU NTARA BAHAGARARIYE.

4.10.1. INTARA YA BUTARE

I Butare hakozwe inama n'abafunguwe bo mu Turere twa Kibingo, Mugombwa, Nyamure, Nyakizu, hafatwa ingamba z'imyitwarire n'imibanire n'abo basanze ku mirenge.

Hatanzwe ikiganiro ku bumwe n'ubwiyunge mu mahugurwa y'abapasiteri ba EER yabereye i Nyanza, hashimangirwa ubufatanye n'amadini hagamijwe kubaka ubumwe n'ubwiyunge.

Ibiganiro n'aba "Opinion Leaders" (injijuke) nabyo byarakozwe mu rwego rwo gukumira ingengabitekerezo ya Jenoside.

Hakozwe inama n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge mu rwego rwo gusuzuma uko imirimo yabo yarushaho kugenda neza.

Hasuwe clubs z'ubumwe n'ubwiyunge mu mashuri ya Kansi, UNR na GSOB (Groupe Scolaire Officiel de Butare), kandi n'ahandi zakomeje gushingwa.

Hitabiriwe ibiganiro binyuranye cyane cyane byari byahariwe kungurana ibitekerezo no gufata ingamba ku bijyanye n'ingengabitekerezo ya jenoside. Ibi byabereye mu Karere ka Nyakizu (Karama) no muri Maraba ku Mirenge ya Nyangazi na Gisakura.

Nko mu mezi yabanje, mu ishuri Saint Esprit i Nyanza, hasuwe club y'ubumwe n'ubwiyunge yaho, barebera hamwe ibimaze kugerwaho.

Hakozwe inama n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye ku birebana n'ubumwe n'ubwiyunge ndetse hatangwa n'ikiganiro ku bagize Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro bo muri Diyosezi Gatolika ya Butare.

Habaye ibiganiro mu mashuri ku birebana no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside n'amacakubiri. Ni no muri urwo rwego kandi umuhuzabikorwa wa NURC i Butare yifatanyije n'urubyiruko rw'Akarere ka Maraba mu rugendo rwo kwamagana iriya ngengabitekerezo ya jenoside, anatanga ikiganiro ku bumwe n'ubwiyunge mu bana bo muri Centre Nyampinga i Gikonko, mu nama y'urubyiruko i Nyanza no mu ngabo zari mu mahugurwa mu kigo cya ESO.

Ibi biganiro kandi byanatanzwe mu rubyiruko rw'ishyirahamwe "Mwene Muntu" rwari mu ngando mu mugi wa Butare no mu bana barangije amashuri abanza bo mu Murenge wa Matyazo.

4.10. 2. INTARA YA BYUMBA

Abana b'i Byumba bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo mu kiganiro "Kubaza bitera kumenya", cyateguraga Inama yabo cyahise kuri radiyo na Televiziyo kuwa 18/Mata/2004.

Hakoreshejwe inama yo gusuzuma imikorere y'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge 75 bo ku rwego rw'Intara. lyo nama yafatiwemo ingamba nshya mu rwego rw'imikorere n'imikoranire. Hakurikiraniwe hafi ibibazo by'ivangura n'amacakubiri bishingiye ku moko byagaragaye mu Ishuri Collége de Rebero. Ibyo bibazo byatumye abana biga nabi, bamwe barabihanirwa by'intangarugero ndetse na bamwe mu bayobozi baryo barahagarikwa. Hunguranwe ibitekerezo ku bibazo bisigaye biboneka mu mashuri biyemeza kubikumira hifashishijwe za clubs z'ubumwe n'ubwiyunge mu mashuri (aho zitari zashingwa).

Habaye kandi Inama yahuje NURC-Byumba n'Abayobozi b'amashuri kubera ibyo bibazo. Nyuma yuko hajyaho Komisiyo ishinzwe kurwanya akarengane mu Ntara, umukozi wa Komisiyo w'i Byumba nawe wari uyirimo yafatanyije n'abandi kuzenguruka uturere bakemura ibibazo bishingiye ku karengane. Ibibazo byinshi bijyanye n’akarengane mu baturage byagiye bikemurwa n’iyo Komite.

Mu bindi bikorwa by'ingenzi muri iyi Ntara harimo:

-Gukurikiranira hafi no gukemura amakimbirane ya hato na hato. Muri uru rwego umuhuzabikorwa wa Komisiyo afatanyije n'uhagarariye IBUKA, ubuyobozi bw'Akarere ka Rebero n'uw'Umurenge wa Nyarurama bakurikiranye ibibazo by'abacitse ku icumu bo muri uwo Murenge. Basanze koko batotezwa, batererwa amabuye ku mazu, bibwa amatungo n'inzugi zo kuri ayo mazu yabo.

-Hakurikiranwe ibibazo by'amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside mu bigo by'amashuri yisumbuye mu Ntara ya Byumba. Hasuwe ibigo by'amashuri 20. Imiterere y'ikibazo yaragaragaye, ingamba n'ibyifuzo ku byakorwa kugira ngo bikemuke burundu biratangwa.

-Umuhuzabikorwa wa Komisiyo ari kumwe n'abagize inama y'umutekano yaguye y'Intara yasuzumiwemo ikibazo cy'ubwicanyi bukabije bwabaye mu Karere ka Rwamiko aho mu gihe cy'amezi agera kuri abiri hishwe abantu bagera kuri 13. Amakuru menshi kuri ubu bwicanyi yatanzwe n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge bo muri ako Karere. Icyagaragaye muri iyo nama ni uko ubuyobozi bw'Akarere na Njyanama yako bitahaga uburemere ubwo bwicanyi. Mu byemezo byafashwe harimo gushyiraho ka komisiyo ko gucukumbura impamvu zabwo no gusaba abayobozi b'Imirenge yibasiwe n'iki kibazo kurusha indi ko bakwegura cyangwa bagahagarikwa ku mirimo. Ibi bikaba byarakozwe.

- Afatanyije n'abandi bagize komite yashyizweho n'Intara, bateguye inyandiko yitwa "GAHUNDA-IREMBO RY'AMAHORO" ikubiyemo ingamba ku bikenewe gukorwa mu rwego rwo kuzamura imyumvire y'abanyabyumba by'umwihariko, no gukangurira Abanyarwanda muri rusange umuco w'ubworoherane, kwitangira abandi no gukunda igihugu haherewe ku masomo abanyarwanda bakuye mu rugamba rwo kwibohoza.

Muri iyi Ntara kandi habayeho gusurwa kw'amashyirahamwe n' amatorero, agaterwa inkunga cyangwa agasabana n'ubuyobozi bwa Komisiyo. Ibyo byabereye mu turere twa Rebero , Kisaro na Rushaki.

4.10.3. INTARA YA CYANGUGU

Muri iyi Ntara hatanzwe ibiganiro hirya no hino ku bumwe n'ubwiyunge no gukumira no gukemura amakimbirane byahawe abapfakazi ba AVEGA, urubyiruko rwa Diyoseze Gatolika ya Cyangugu n'ihuriro ry'amatorero y'Abaporotestanti. Iyi Ntara kandi yasuwe n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko wa NURC atanga ikiganiro mu bayoboke ba A.D.E.P.R kubirebana no kurwanya amacakubiri, isanamitima n'ubumwe n'ubwiyunge. Iyi Ntara niyo yakiriye Ingando z'abafunguwe b'ibyaha bisanzwe bo mu Ntara za Cyangugu na Kibuye.

Abagororwa 23 b'Igitsina gore na 326 b'Igitsinagabo bahuguwe ku masomo ajyanye na gahunda zaguverinoma y'ubumwe bw'abanyarwanda. Hagaragajwe kandi uko inzira y'ubumwe n'ubwiyunge yifashe mu Ntara ya Cyangugu binyuze mu manama umukozi wacu akorana n'abayobozi b'Intara, bityo ubuyobozi bufata ingamba zikwiye zo kububumbatira.

Hashinzwe clubs z'ubumwe n'ubwiyunge mu bigo 37 by'amashuri yisumbuye bikozwe n'umuhuzabikorwa wa Komisiyo i Cyangugu ari kumwe n'abanyeshuri bagize SCURs zo mu mashuri makuru ya KIE, KHI, KIST ISAE na UNR. Icyagaragaye ni uko zari zikenewe cyane kuko abana babyishimiye. Hariho ariko n'abayobozi wasangaga batabyakira bitewe n'imyumvire.

Mu rwego rwo gufatanya n'izindi nzego, hatanzwe ibiganiro binyuranye mu mahugurwa yateguwe na HAGURUKA yagenewe abahuzabikorwa b'Imirenge 115 igize Intara ya Cyangugu. Ibi biganiro byibanze ku gukemura amakimbirane n'imikorere y'Abunzi. Hakurikiranywe ihugurwa ku bumwe n'ubwiyunge ryari ryagenewe Abapasitori ba EMLR (Eglise Méthodiste Libre au Rwanda).

Hatanzwe ibiganiro muri Gereza ya Cyangugu mu rwego rwo gukangurira abagororwa kwirega, kwemera icyaha no gusaba imbabazi. Byagaragaye ko abagororwa bafite inyota yo kumenya n'ubwo ibyo kwemera icyaha babigendamo gahoro.

Ibiganiro birebana na Gacaca nk’inzira y'ubumwe n'ubwiyunge no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu rubyiruko byatanzwe mu rubyiruko rwa Kiliziya Gatolika rugera kuri 250 rwari ruteraniye ku Nkanka; urubyiruko rwo mu mashuri makuru n'ayisumbuye rugera kuri 320 muri EAV-Ntendezi n'urubyiruko rwa Eglise Anglicane rugera kuri 250. Biyemeje kuzageza ibiganiro bahawe ku bo baje bahagarariye mu Mirenge yabo. Bakomeje kwifuza ko ababyeyi bakuze bagirirwa ibiganiro byihariye ku bumwe n'ubwiyunge. Byagaragaye ariko ko imikorere ya FARG na IBUKA mu kujonjora abana ikomeje gutera ikibazo mu bumwe bw'abanyarwanda. Ibi bikaba byaragaragajwe n'urubyiruko rwa Eglise Anglicane rwari ruturutse mu gihugu hose ruteranira i Cyangugu tariki ya 5/12/2004.

Iyi Ntara kandi ifite umwihariko wo guturana n'igihugu cya Congo cyabaye indiri y'interahamwe na ex-FAR bahora bakurura intambara z'urudaca zishingiye ku moko, ingaruka z'ayo macakubiri zikagera ku baturage ba Cyangugu kandi zikaba zanabangamira inzira y'ubumwe n'ubwiyunge.

4.10.4. INTARA YA GIKONGORO

Hagaragajwe ibikorwa byinshi byari biteganyijwe n'uko byagiye bishyirwa mu bikorwa n'umukozi wa Komisiyo afatanyije n'ubuyobozi bw'Intara.

Mu nama umukozi wa NURC-Gikongoro yagiranye n'Abakangurambaga, Uturere twose twagaragaje ibyagezweho binyuranye birimo: guhugura abakangurambaga ku mirenge, gushyiraho ikigega cyabo, gushyiraho Clubs z'ubumwe n'ubwiyunge, hakozwe kandi inama zihuza abacitse ku icumu n'abafite ababo bafunze.

Hubakiwe abavuye mu ishyamba rya Gishwati batujwe mu Karere ka Mushubi; hasuwe abagororwa mu rwego rwo kubakangurira kwirega no kwemera icyaha.

Nkuko bigaragazwa n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge muri iyi Ntara mu Karere ka Kaduha n'ahandi haracyagaragara ingengabitekerezo ya Jenoside ishingiye ku irondakoko n'irondakarere. Iki kibazo kikaba cyarahagurukiwe n'inzego zose zibishinzwe harimo na NURC Gikongoro.

Hakurikiranywe ikibazo cy'amacakubiri mu kigo cy'amashuri cya Runyombyi kandi raporo yagejejwe ku buyobozi bwa Komisiyo. Iyo raporo igaragaza koko ko muri icyo kigo habonetsemo abanyeshuri bifitemo ibitekerezo by'amacakubiri, abayobozi badaha icyo kibazo uburemere bwacyo, ndetse n'ababyeyi bamwe babo bana bakirangwa n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Mu gihe ubuyobozi bw'Intara bwasuraga akarere ka Kaduha, hakemuwe ibibazo bishingiye ku karengane by'abaturage makumyabiri n'umwe usanga ibyinshi muri byo ari imanza zitararangizwa, abaturage bagahera mu gihirahiro kandi bafite impapuro z'irangizarubanza. Ibibazo byigaragaza cyane ni ibijyanye n'amasambu n'ubuharike.

Hatanzwe ikiganiro ku gukumira no gukemura amakimbirane cyateguriwe abahuzabikorwa b'Uturere twa Kaduha, Karaba, Mudasomwa, Nshili, Nyaruguru. Mushubi n'Umujyi wa Gikongoro biteguwe n'umuryango HAGURUKA.

Ibindi biganiro ni ibyatanzwe mu Rwunge rw'Amashuri rwa Bigugu, TTC Mbuga no mu Rwunge rw'Amashuri rwa Kibeho. Ibyo biganiro byatanzwe n'inzego zitandukanye; ku bireba Komisiyo, umuhuzabikorwa wayo yatanze isomo ku Itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri.

Hatanzwe ibiganiro ku bafunguwe by'agateganyo harebwa imibanire yabo n'abo basanze, bibera mu Turere twose tw'Intara ya Gikongoro

4.10.5. INTARA YA GISENYI

Mu nama nsuzumabikorwa ku rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge kimwe n'ahandi henshi mu gihugu hafatiwe imyanzuro y'ibibazo bikuru bibangamiye ubwiyunge mu Ntara ya Gisenyi.

Mu bagororwa 416 bakoreye ingando i Mudende bakaba barakomokaga mu Ntara 5 (Gisenyi, Ruhengeri, Gitarama, Kibuye, n'abandi bake b'izindi Ntara) barangije ingando bamenye gahunda za Leta ndetse bashobora no kwihangira imishinga.

Abakangurambaga bitabiriye inama bagiranye n'Abakozi ba NURC batashye biyemeje gushinga inzego z'ubumwe n'ubwiyunge kugera mu tugari, gukurikirana imirimo y'inkiko gacaca, gukoresha umuganda wo gusukura inzibutso, no gushinga za clubs z'ubumwe n'ubwiyunge.

Hakozwe inama ku rwego rw'Intara zari zigamije kwigira hamwe uburyo ubumwe n'ubwiyunge bwashimangirwa birushijeho, gukumira no kurwanya amakimbirane.

Ubuhuzabikorwa bwa Komisiyo ku Gisenyi bwakomeje kunoza imikoranire n'amadini yemewe. Hafashwe ingamba kugira ngo ingengabitekerezo ya jenoside irwanywe. Murizo harimo: Gukomeza gukangurira abayobozi b'inzego z'ibanze, abaturage muri rusange, abayobozi b'ibigo by'amashuri ndetse n'abanyeshuri, gukumira no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no gushyigikira gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge.

Hakurikiraniwe hafi ibikorwa by'inkiko gacaca, bishishikarizwa abaturage cyane cyane abanyabwenge, abacuruzi n'abandi.

Mu kigo cya APEREL - Bukinanyana mu Karere ka Mutura, hakorewe ingando yari irimo abana bagera kuri magana atanu (500). Nyuma y'iyi ngando, havutse ishyirahamwe ry'abanyeshuri rifite intego yo kwimakaza amahoro, ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda

Hakozwe ibiganiro n'abaturage b'Uturere dutandukanye tw'Intara ya Gisenyi, turimo: Umujyi wa Gisenyi, uturere twa Cyanzarwe, Kanama, Nyamyumba ndetse na Nyagisagara; hagamijwe kubakangurira kurwanya ingegabitekerezo ya jenoside, kurwanya akarengane n'umutekano wabo muri rusange. Abaturage bemera ko bamaze gutera intambwe ndende, uretse ko hakiri abantu bakeya bakiboshye mu mitwe yabo, ari nabo bagaragaraho ingengabitekerezo ya jenoside. Ikindi cyagaragaye ni uko abayobozi b'inzego z'ibanze bagomba kugira uruhare mu gusobanurira abaturage gahunda za Leta no gushyigikira ubumwe n'ubwiyunge. Ibyo bibaye abaturage babana neza.

Nk'umwe mu bagize Komite y'Intara yo kurwanya akarengane, Umuhuzabikowa wa Komisiyo mu Ntara ya Gisenyi yasuye tumwe mu Turere tugize Intara. Icyagaragaye ni uko abaturage bava mu Tugari, bakarenga umurenge n'akarere, bakajyana ibibazo byabo ku ntara, ndetse rimwe na rimwe bakabijyana muri Minisiteri cyangwa kwa Perezida wa Repubulika. Ikibitera akenshi kikaba ko umuturage atabona umutega amatwi ngo yumve ibibazo bye; imanza zidacibwa vuba kandi n'izaciwe ntizirangizwe; abayobozi b'inzego z'ibanze basaba abaturage ruswa, cyangwa bakabogama mu gukemura ibibazo.

Dore ibibazo bimwe na bimwe byagaragajwe:

- Ibibazo by'amasambu bishingiye ku buzungure, kandi akenshi bigaturuka ku buharike;
- Ibibazo by'amasambu yatujwemo abatahutse bo muri 1959;
- Ikibazo cy'inzuri za Gishwati zitatanzwe mu mucyo.

Ubuhuzabikorwa bwa Komisiyo ku Gisenyi nanone bwegereye amashyirahamwe anyuranye ashyigikiye ubumwe n'ubwiyunge. Amwe muri ayo mashyirahamwe ni nka AEPURN/ULK-Gisenyi, Ishyirahamwe ry'abitandukanyije n'abacengezi, Ishyirahamwe Tuzamurane ryo mu Karere ka Kayove, Ishyirahamwe ry'abanyonzi bo

mu Karere ka Kanama n'ayandi. Iyi Ntara kimwe na Cyangugu zihura n'ibibazo biterwa n'umutekano uhungabana ku mupaka w'u Rwanda na Congo ingaruka mbi zawo zigakurura amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

N B: Muri iyi Ntara ya Gisenyi harimo n'abagororwa bakomoka muri RDC.

4.10.6 INTARA YA GITARAMA

Abakangurambaga bibumbiye mu Ishyirahamwe ryitwa AVRD (Association des Volontaires pour la Réconciliation et le Développement) bahawe ubumenyi bunyuranye bubongerera ubushobozi bwo gukomeza gukorana na Komisiyo.

Abana b'i Gitarama mu Nama yabo Nkuru y'abahuje n'ab'izindi Ntara, bagaragarije mu bihangano byabo no mu mivugo ko ubumwe n'ubwiyunge bishoboka. NURC ifatanyije na AERG basuye inzibutso za Jenoside mu Ntara. Kubera ingengabitekerezo ya Jenoside yagaragaye muri amwe mu mashuri y'Intara cyane cyane ayo mu mujyi wa Gitarama; NURC yagiranye ikiganiro n'Abanyeshuri bo mu rwunge rw'amashuri rwa Mutagatifu Yozefu i Kabgayi. Bakurikiranye umunsi ku wundi ibikorwa by'Inkiko Gacaca kuko izi Nkiko ari ubutabera bwunga.

Hafashwe ingamba zo gukomeza kurwanya iriya ngengabitekerezo ya Jenoside yavuzwe haruguru aho iboneka cyane cyane mu bigo by'amashuri yo mu Intara ya Gitarama n'ahandi mu baturage.

Ibindi bikorwa by'igenzi ni ibi bikurikira:

- Amarushanwa (indirimbo, imivugo, dissertation) y'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye ku ruhare rw'urubyiruko mu guhashya ingengabitekerezo ya Jenoside yateguwe na Never again Rwanda Chapter. Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge yagize uruhare mu migendekere myiza y'aya marushanwa itangamo ikiganiro.

- Hakozwe inama yahuje Ihuriro ry'urubyiruko rwiyemeje kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

- Guhugura abanyeshuri ku kurwanya akarengane na ruswa no gukemura amakimbirane hashyirwaho na club y'ubumwe n'ubwiyunge, tariki ya 28/Nzeri/2004.

- Hahuguwe abayoboke ba CESTRAR bakuriye abandi ku byerekeye kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no kwimakaza umuco w'amahoro kuva tariki ya 1-2/Ukwakira/2004.

Hasuwe impuzamashyirahamwe y'ubumwe n'ubwiyunge ikorera mu Karere ka Ntongwe Hatangwa n'ikiganiro ku Bumwe n'Ubwiyunge mu bana bari mu biruhuko kuri Centre Culturel ya Gitarama tariki ya 7/12/2004.

4.10.7. INTARA YA KIBUNGO

Kimwe n'izindi Ntara, Intara ya Kibungo yitabiriye ibikorwa byose bya buri munsi muri uyu mwaka w'i 2004 nkuko biri kuri gahunda y'ibikorwa; ariko na none ikagira umwihariko w'amahugurwa yari yagenewe inzego z'ubuyobozi zitandukanye, hagamijwe kuzikangurira gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge.

Aha twavuga nk'inzego z'urubyiruko, inyangamugayo z'Inkiko Gacaca, abayobozi b'inzego z'abari n'abategarugori hamwe n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge. Aya mahugurwa yatewe inkunga n'umuryango utegamiye kuri Leta; Lutherian World Federation (LWF).

Muri iyi Ntara ya Kibungo, havutse amashyirahamwe y'ubumwe n'ubwiyunge mu Turere twa Nyarubuye, Rukira, umujyi wa Kibungo n'uwa Rwamagana, ibi bikaba bigaragaza umusaruro w'ubukangurambaga muri iyi Ntara ndetse n'imyumvire y'abaturage muri rusange ku bijyanye na gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge bw'abo. Aya mashyirahamwe yarasuwe ahabwa inyigisho za ngombwa zizayafasha kongera ubumenyi.

Mu kwezi kwa Werurwe hafunguwe abantu baregwaga ibyaha bisanzwe, nkuko bizwi, abo bantu bagombaga kunyuzwa mu ngando kugirango bategurwe mbere y'uko basubira mu Mirenge yabo. Intara ya Kibungo iri muzakiriye ingando y'abafunguwe, ikaba yarabereye mu Karere ka Muhazi. lyi ngando yariteraniyemo abafunguwe mu Ntara ya Kibungo, Umutara na Byumba, bagera kuri 737. Mu kwezi kwa cumi, Umuhuzabikorwa wa Komisiyo mu Ntara ya Kibungo yakurikiranye ibiganiro byabereye muri iyo Ntara byahuje abacitse ku icumu n'abafunguwe by'agateganyo bari bafungiwe ibyaha by'itsembabwoko n'itsembatsemba hagamijwe kureba imibanire yabo uko ihagaze, no kureba niba nta baba bafite ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ibi byasuzumiwe mu ngingo eshatu z'ingenzi zikurikira:

- Kumenya imyitwarire y'Abafunguwe mu mirenge yabo
- Kumenya uko biteguye gufasha Inkiko gacaca
- Kurwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside

Ibi biganiro byitabirwaga cyane n'abafunguwe by'agateganyo kurusha abacitse ku icumu.

4.10.8 INTARA YA KIBUYE

Mu rwego rwo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, Intara ya Kibuye yagize umwihariko w'ibikorwa bikurikira:

- Habayeho gusura no kongerera imbaraga abagira uruhare mu gukangurira abanyarwanda ubumwe n'ubwiyunge hasi ku Mirenge.

- Guca intege ibitekerezo, imvugo n'ibikorwa byabiba amacakubiri mu banyarwanda,aha NURC Kibuye yacishije inyandiko eshatu mu kinyamakuru cya "Ijwi rya Kibuye" zamagana amacakubiri.

- Kurwanya akarengane kaboneka mu baturage, hashakwa umuti w'ibibazo baba bafite ariko cyane hitaweho ibyabahuza. Ibi bikaba byarakozwe mw' ikurikirana (Monitoring) ku nkiko gacaca.

Mu Ntara ya Kibuye hitabiriwe ibikorwa bishyigikira ubumwe n'ubwiyunge bikurikira:

- Gusura no gushyigikira ibikorwa by'amatorero n'amashyirahamwe bigamije ubumwe n'ubwiyunge mu Turere twa: BUDAHA, GISUNZU, RUTSIRO, RUSENYI n'Umujyi wa KIBUYE.

- Gukangurira no Gushishikariza abaturage ku mishinga igamije ubumwe n'ubwiyunge.

- Gukangurira no kwifashisha amatorero n'amashyirahamwe kugira uruhare mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

- Gukurikirana imirimo y'inkiko gacaca no gukangurira abaturage kuvugisha ukuri.

- Ibiganiro na ba "Partenaires" ba Komisiyo mu Ntara ya Kibuye barimo Norwegian Peoples Aid na Soeur Génoviéve wa Gisenyi hunguranywe ibitekerezo ku bikorwa bakora cyangwa bagamije gukora bijyanye n'ubumwe n'ubwiyunge.

- Amahugurwa y'abayobozi b'inzego z'ibanze ku bumwe n'ubwiyunge b'Akarere ka RUTSIRO tariki ya 29 / Nzeri 2004. Aba bayobozi bakanguriwe kuba umusemburo w'ubumwe n'ubwiyunge.

- Hakozwe imishyikirano na NPA (Norwegian Peoples Aid) mu kurebera hamwe uruhare rwa NPA mu guteza inkunga ibikorwa bigamije ubumwe n'ubwiyunge cyane cyane amatorero.

- Gushishikariza abaturage ubwiyunge bunyuze mu butabera.

- Abaturage bamenyeshejwe uko imanza za jenoside zikorwa mu Rukiko Mpuzamahanga ruri ARUSHA rushinzwe gukurikirana abakoze jenoside mu Rwanda muri 1994.

- Gukurikirana ibikorwa by'umushinga PRI bijyanye na gacaca hagamijwe kumenya neza icyo iyo ONG ikora ndetse n'ubushakashatsi ikora ku butabera.

- Gutanga ikiganiro ku bumwe n'ubwiyunge mu mahugurwa ya "Opinion Leaders" 120 bahagarariye buri murenge.

- Kugaragaza impamvu ingengabitekerezo ya jenoside ikigaragara mu Rwanda no gufata ingamba.

- Kugaragaza impamvu umwuka wo gushyikirana hagati y'abantu uhinduka mubi, iyo hatangiye ibiganiro kuri jenoside cyangwa Gacaca.

4.10.9. INTARA YA KIGALI- NGALI

Uretse ibikorwa bisanzwe nko gusura Uturere tumwe tugize iyi Ntara, abaturage bakanguriwe ibijyanye na gahunda y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge no kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside. Hasuwe uturere twa Gashora, Ngenda, Shyorongi, Bicumbi, Gasabo na Rushashi.

Hasuwe n'ibigo mirongo itanu (50) by'amashuri yisumbuye yo muri Kigali Ngali bigishwa itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri, bityo bakangurirwa kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside n'amacakubiri hagati mu banyeshuri bakihatira kubana mu mahoro.

Habaye kandi ingando y'Abari n'Abategarugori yitabiriwe n'abagera kuri 400. Abitabiriye iyi ngando, bahuguriwe gahunda ya Leta, ariko by'umwihariko, uruhare rw'umunyarwandakazi mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge, mu kurwanya icyorezo cya SIDA ndetse no kurwanya ubukene bukabije mu miryango yabo.

Nanone muri iyi Ntara, abahagarariye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bitabiriye igikorwa cyo gukurikirana amatora yari agamije gusimbura bamwe mu bayobozi b'ibanze bagiye begura. Ibi byakozwe ku bufatanye n'izindi nzego, uruhare rwa Komisiyo rukaba rwari urwo kureba ko nta mvugo, ingiro, inyandiko cyangwa ikindi kintu cyose cyakurura umwuka mubi w'amacakubiri muri ayo matora. Ibi byarubahirijwe amatora aba mu ituze n'umutekano.

Abafunguwe bireze bakemera icyaha bo mu Turere tumwe tw''Intara ya Kigali Ngari bahujijwe n'abo bahemukiye, bityo haboneka ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge bibahuje; ibi bikorwa nabyo byarasuwe.

Mu rwego rw'ubufatanye, abahagarariye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Ntara ya Kigali-Ngali, bifatanyije n'abandi bayobozi mu nama yahuje ubuyobozi bw'Intara na Nyobozi z'Uturere, Abahuzabikorwa b'Imirenge, Inzego z'abagore n'urubyiruko igamije gufatira hamwe ingamba zo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

- Hateguwe inama n'abaturage ku kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, hateganywa kandi n'amahugurwa y'injijuke zibonekamu Turere zikangurirwa ubumwe n'ubwiyunge.

- Hahuguwe ba "Vice-Maires" b'urubyiruko n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge mirongo itandatu na batandatu (66), ibi byabereye mu Mujyi wa Nyamata kuwa 26-29/Ugushyingo/2004.

- Mu rwego rwo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, umuryango NEVER AGAIN, ufatanyije na NURC-Kigali Ngali bakoresheje amarushanwa mu mashuri yisumbuye hagamijwe kureba ayarushije ayandi ibihangano birimo inyigisho zo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

- Hasuwe amashyirahamwe anyuranye hagamijwe kuyakangurira ubusabane n'ubwiyunge byo soko y'amajyambere.

- Abaturage bakomeje gusobanurirwa ubumwe n'ubwiyunge nk'inkingi y'amahoro mu muryango mu Turere tunyuranye, inzego zose zikangurirwa kugira uruhare mu Nkiko Gacaca.

4.10.10. INTARA YA RUHENGERI

Mu mezi abanza y'umwaka, Komisiyo mu Ntara ya Ruhengeri yihatiye gukora ibikorwa rusange byerekeranye n'ubumwe n'ubwiyunge ibikora ifatanyije na Komisiyo yo kurwanya akarengane muri iyo Ntara. Ibi byakozwe mu Turere twa Kinigi na Bukamba. Komisiyo yabafashije gukemura utubazo tumwe na tumwe tw'abaturage tujyanye n'amazu n'amasambu cyane cyane. Hasuwe kandi inzibutso za Jenoside, hakurikiranwa n'imirimo y'inkiko Gacaca. Abafunguwe by'agateganyo bo mu Ntara ya Ruhengeri bitabiriye gufasha abacitse ku icumu babubakira amazu, ibyo babikorera mu mashyirahamwe y'ubumwe n'ubwiyunge bashinze bageze iwabo ku mirenge. Urugero ni ari mu Karere ka Kinigi.

- Muri iyi Ntara nanone hasuwe abakangurambaga bo mu Turere twa Bugarura, Buhoma, Bukamba na Mutobo; aha hose bamaze gushyiraho abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge ku Mirenge.

- Komisiyo kandi yakurikiranye amatora y'inzego z'Inama y'Igihugu y'abagore ndetse n'igikorwa cyo kwiyamamaza n'icy'amatora y'abajyanama n'abayobozi b'Uturere twa Mutobo, Buhoma na Butaro.

- Hasuwe kandi ahabereye amahugurwa y'abagize inteko z'inkiko gacaca, basanga ibintu bigenda neza, hakaba hari ikizere ko imanza zizacibwa neza umwaka utaha.

- Hitabiriwe inama yavugaga kuri politiki y'Igihugu yerekeye imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo.

- Hasuwe abakangurambaga bo mu Turere twa Kinigi, Cyeru na Nyamugari. Muri izo ngendo, hatanzwe ibisobanuro ku bibazo byabajijwe mu gusuzuma intambwe imaze guterwa mu miyoborere myiza ubukungu n'iterambere.

- Umuhuzabikorwa wa Komisiyo, yakoranye inama n'abakangurambaga n'injijuke zo mu Karere ka Mutobo, bityo biga ku ntambwe imaze guterwa mu bumwe n'ubwiyunge ku mirenge yabo.

- Yaganiriye kandi na Club ya ISAE-Busogo, ku kibazo cy'ingengabitekerezo ya Jenoside, n'uburyo yashakirwa umuti. Nk'umwe mu bagize Komisiyo y'Intara yo kurwanya akarengane, yafatanyije na bagenzi be gukemura ibibazo byinshi bishingiye k'umutungo cyane cyane ubutaka.

- Mu Ntara ya Ruhengeri kandi, niho habereye imyiteguro y'ingando nyirizina z'abanyeshuri bajya muri Kaminuza no mu yandi mashuri makuru. Ingando zatangiye kuwa 16 ukwakira 2004.

- Hakorewe ibiganiro k'ubumwe n'ubwiyunge byahawe abasirikare bashinzwe kwigisha abandi gahunda za Leta ndetse n'abanyeshuri bafashwa na FARG.

- Abakozi ba Komisiyo mu Ruhengeri, babonanye n'abakangurambaga b'i Mutobo, babagezaho abagize ishyirahamwe ABAGARURAMUCO ririmo abacitse ku icumu, abafunguwe bireze bakemera icyaha, n'abafite ababo bagifunze. Intego yabo ni ukwimakaza ubumwe no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

- Hakurikiranwe ibikorwa by'Inkiko Gacaca, umuhuzabikorwa yasanze imyiteguro yo gutangiza imanza igenda neza cyane cyane ko abakekwaho jenoside, bakuwe mu nteko z'Inkiko Gacaca.

- Bagiranye kandi inama n'urubyiruko muri tumwe mu Turere babakangurira kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside. Hakurikiranywe kandi amahugurwa y'Abunzi.

4.10.11. UMUJYI WA KIGALI

Umujyi wa Kigali ufite umwihariko wo kuba utuwe n'abantu benshi kurusha izindi Ntara , ibyo bigatuma ukoresha n'ingando z'ibyiciro bidasanzwe; aha twavuga nk'ingando y'abavuye ku rugerero bibumbiye mu mashyirahamwe y'imyuga itandukanye, n'ingando y'abakoraga umwuga w'uburayi. Abagiye muri iyo ngando bahavanye ubumenyi bwabafashije gusubira mu buzima busanzwe no kwiteza imbere. Hasuwe kandi inteko z'Inkiko Gacaca mu Karere ka Kanombe no mu ka Gikondo. Aha hagiye hakemurwa ibibazo byari mu nyangamugayo. Amashyirahamwe UKURI KUGANZE (Kicukiro) rifite intego yo gushyira ahagaragara ibyabaye muri Jenoside , berekana aho abantu baguye; n'irindi ryitwa ABEC-BENISHYA (Nyarugenge) barasuwe bamenyekanisha ibikorwa byabo by'ubumwe n'ubwiyunge. Bafashijwe no gukemura ibibazo byari byaravutse mu buyobozi bwaryo bafatanyije n'Akarere ka Kicukiro. Hakozwe n'ikurikirana ryo kureba uko abaciye mu ngando bitwara bo murenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge.

Habaye inama n'amashyirahamwe agirana ubufatanye na Komisiyo, n'inama n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge mu Mujyi wa Kigali. Muri iyi nama habayemo gutoresha Komite ku nzego zose.

Hakozwe ingando y'amashyirahamwe y'urubyiruko rw'Umujyi wa Kigali ku bufatanye bwa Komisiyo, FARG na MVK ; igamije kubakira amacumbi abatishoboye basizwe iheruheru na jenoside, yabereye i Kinyinya mu Karere ka Gisozi. Mu cyiciro cya mbere, hubatswe amazu 26 mu gihe cy'ibyumweru bitatu, naho mu cyiciro cya kabiri hubatswe amazu 34 n'imisingi y'ibikoni n'u ubwiherero 34.

Hasuwe, hanatangwa ikiganiro mu ngando y'abana b'abanyeshuri b'Abagatolika bari mu biruhuko kuri IFAK, Kimihurura mu Karere ka Kacyiru; hakorwa n'urugendo rw'abo bana rwamagana ingengabitekerezo ya Jenoside.

Hisuwe Ishyirahamwe HOPE AFTER RAPE rifite ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge rikorera mu Karere ka Kicukiro. Umuhuzabikorwa wa Komisiyo mu mujyi wa Kigali yakomeje no gukurikirana ibikorwa by'Inkiko Gacaca.

4.10.12. INTARA Y'UMUTARA

Mu Ntara y'Umutara naho habaye kwitabira ibikorwa rusange bya NURC. Ibikorwa by'umwihariko muri uyu mwaka w'2004 muri iyi Ntara ni ibi bikurikira:

- Hatanzwe ikiganiro k'ubumwe n'ubwiyunge mu mwiherero w'abayobozi bo mu Kerere ka Muvumba Ubuyobozi bwa Komisiyo bwateye inkunga Amashyirahamwe y'ubumwe n'ubwiyunge i Matimba mu Karere ka Bugaragara. Aya mashyirahamwe akora imirimo iteza abanyamuryango bayo imbere agatangirwamo n'inyigisho z'ubumwe n'ubwiyunge.

- Hari kandi ishyirahamwe ryavukiye i Gahini mu Karere ka Rukara, rihuza Abacitse ku icumu n'Abafunguwe; ubu barubakirana .

- Hateguwe kandi hanakoreshwa ihugurwa ry'iminsi ine, rigamije kwigisha uburyo bwo gukumira no kurwanya akarengane. Abantu 397 babashije kuryitabira.

- I Karubamba, mu Karere ka Rukara, hatangiwe ikiganiro mu cyumweru cy'icyunamo. Hanabaye kwifatanya n'imiryango yashyinguraga ababo bazize Jenoside yo muri Mata 1994.

- Umuhuzabikorwa wa Komisiyo mu Ntara y'Umutara, yitabiriye gukemura amakimbirane ya hato na hato; urugero ni nko mu Karere ka Muvumba, havugwaga ikibazo cy'amakimbirane ashingiye ku moko. Ahandi ni mu Karere ka Murambi, ahari ikibazo cy'umuntu wubatse inzu hejuru y'ahashyinguwe umuntu wazize Jenoside. lyo yarasenywe, amagufa ashyingurwa mu cyubahiro.

- Habaye inama y'abagize inzego z'urubyiruko ikaba yari igamije kuziha urubuga ngo batange ibitekerezo by'uko bagira uruhare mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu muryango nyarwanda.

- Inama y'abahagarariye uburezi yabaye mu gihe ibigo byinshi by'amashuri yisumbuye byavugwagamo amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

- Hatanzwe ikiganiro ku bumwe n'ubwiyunge. Icyo kiganiro cyatangiwe muri Brigade ya 503 y'ingabo z'igihugu zikorera mu Mutara.

- Ku bufatanye na "NEVER AGAIN" hateguwe hanakurikiranwa amarushanwa ku bihangano bifite inyigisho nyinshi zihuriza ku kurwanya amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside mu bigo by'amashuri.

- Ku bufatanye na Caritas habaye amahugurwa y'urubyiruko rugera kuri 96 rwo mu Karere ka Muvumba, Paroisse ya Nyarurema ku kwimakaza umuco w'amahoro.

- Habaye amahugurwa y'abacitse ku icumu rya Jenoside bagera kuri 89 baganira kuri ibi bikurikira:

    - ubumwe n'ubwiyunge,
    - Inkiko Gacaca,
    - imikorere y'ikigega cya FARG,
    - kwihangira imishinga ibyara inyungu,

- kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

Iyi ngingo ya nyuma yaganiriweho cyane bituma umuhuzabikorwa wa Komisiyo mu Ntara y'Umutara akurikirana uko byifashe mu Mirenge bari baturutsemo, abitangira na raporo ku cyicaro cya Komisiyo.

- Gukurikirana amakimbirane ya hato na hato mu Turere twa Bugaragara na Murambi. Aha hagaragaye ko hakiri ikibazo cy'amashyirahamwe y'ubumwe n'ubwiyunge adashaka kumvikana ku nkunga bagenewe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere rusange n'imibereho myiza y'abaturage.

- Hatanzwe ikiganiro mu ngando y'abana bafashwa na FARG bagera kuri 71.

- Hakozwe inama n'ubuyobozi bwa Komisiyo igamije gusobanura imikorere n'imikoranire n'umushinga PDRCIU mu gikorwa cy'ubumwe n'ubwiyunge mu Ntara y'Umutara. Hasobanuwe ibikorwa biteganyijwe, imbogamizi zavuka n'uburyo bwo kuzirwanya.

5. IBYEREKEYE ABAKOZI N'ICUNGAMUTUNGO MURI KOMISIYO

5.1 KOMISIYO MU MYITEGURO Y'IGIKORWA CY'IVUGURURWA RY'INZEGO Z'IMIRIMO YA LETA.

Mu rwego rwo kuvugurura inzego z'imirimo ya Leta, Minisiteri ifite mu nshingano zayo, umurimo n'abakozi ba Leta, yasabye inzego za Leta kwitabira igikorwa cyo kuvugurura izo nzego zombi (umurimo n'abakozi). Komisiyo rero nayo irebwa n'icyo gikorwa kuko ari urwego rw'Igihugu (ikigo), rufite abakozi bakora umurimo w'Igihugu kandi bahembwa na Leta.

Iryo vugurura ryasanze hari intambwe yatewe muri iyo nzira ku rwego rwa Komisiyo, kuko mu mpera z'umwaka wa 2003, yari yakoze ivugurura ryayo ryari ryahinduriye benshi mu bakozi imyanya. Ubuyobozi bwa Komisiyo bwabonaga ko bagiye muri iyo myanya aribwo babasha gutanga umusaruro ushimishije, ndetse hari abahawe akazi n'abandi bakozi bashya, bivuga ko Komisiyo yari ifite imbonerahamwe yayo (organigramme).

Imbonerahamwe ya Leta ireba amakomisiyo, Komisiyo yayikozeho ikurikije amabwiriza yahawe na MIFOTRA. Yafashe igihe cyo kuyitunganya uko yasabwaga, nyuma yanyujijwe mu nzira igomba gucamo zose, kugeza ubwo ishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri ngo bayemeze.

Komisiyo ikaba yizeye ko iki gikorwa nikigenda neza kizayongerera ingufu zo kunoza gahunda zayo za buri mwaka no gukomeza kuba urubuga abanyarwanda b'ingeri zose bisanzuriramo batanga ibitekerezo byubaka ubumwe n'ubwiyunge. Ntitwabura kuvuga ko muri iri vugururwa, Komisiyo itazongera kugira abakozi bayo bwite mu rwego rw'Intara. Ibi birasaba guhindura no kunoza imikoranire n'Intara.

5.2 IBIREBANA N'ABAKOZI MURI KOMISIYO

Ku birebana n'abakozi n'umurimo, Ishami ry'igenamigambi n'icungamutungo niryo ryakurikiranye kandi ritegurirwamo igikorwa cy'ivugururwa ry'umurimo n'abakozi cya MIFOTRA rifatanyije n'ubuyobozi bukuru bwa Porogaramu muri Komisiyo.

Rikurikirana kandi abakozi bakora muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'umutungo wayo.

Nk'uko iyi raporo yabigaragaje mu ngingo yo kunoza imikorere, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifite abakozi 90 kuva mu kwezi kwa Mutarama. Muribo 26 ni abakorera mu Ntara nk'uko baboneka ku mbonerahamwe (Oganigramme) yari isanzwe.

Muri uyu mwaka w'2004, abahawe akazi ni 2 naho abasezeye kubera impamvu zabo bwite n'abahagaritswe ku kazi bose hamwe ni 9. Undi umwe yitabye Imana.

5.3. IMIRIMO Y'ICUNGAMUTUNGO N'ICUNGAMARI MURI KOMISIYO

5.3.1. IGIKORWA CY'IKUSANYAMUTUNGO

Muri rusange, ikusanyamutungo muri Komisiyo rifite inshingano yo gushakisha no gukurikirana umutungo kugira ngo Komisiyo ishyire mu bikorwa inshingano zayo. Kugira ngo ibi bigerweho, hategurwa imishinga, kandi hakabaho kwegera abaterankunga bagasobanurirwa akamaro ko gushyigikira ibikorwa bya Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge no gutanga raporo ku baterankunga baba batanze inkunga.

Muri uyu mwaka, hakusanyijwe inkunga yo gufasha mu gikorwa cy'Inama y'Igihugu y'Abana, n’Inama NKuru y'Igihugu ku Bumwe n'Ubwiyunge.

Hateguwe kandi imishinga ishyikirizwa abaterankunga. Muri yo twavuga:

- Imishinga 2 yashyikinjwe UNDP ijyanye na "Support to the Community Dialogue - 2005, 2006, 2007 na "Civic Education Training Manual launching and Genocide book writing". Uyu mushinga waremewe.

- Umushinga washyikirijwe USAID ujyanye na "Strengthening Unity and Reconciliation in Rwanda for 4 years"

- Umushinga washyikirijwe GTZ ujyanye na "Civic education for the grassroots population -1 year.

Komisiyo yagiranye inama n'abaterankunga b'ingeri nyinshi barimo UNHCR, UNDP, USAID, n'abandi bakangurirwa gushyigikira ibikorwa bya Komisiyo. Izo nama zibanze ku ngingo zitandukanye zerekeye ubumwe n'ubwiyunge, n'uburyo abo baterankunga bakomeza gufasha Komisiyo kugira ngo ubumwe n'ubwiyunge bibe iby'abanyarwanda ubwabo.

Hasuwe Umushinga wa PDRCIU mu Ntara y'Umutara hagamijwe gusuzuma imikorere yawo. Uyu mushinga wageneye ibikorwa bya Komisiyo inkunga ihwanye n'amadolari ibihumbi ijana ($ 100,000) yo gukoresha mu mwaka w'2005.

5.3.2. IBIREBANA N'IBIKORESHO

Umutungo rusange wa Komisiyo (NURC) ugizwe n'ibikoresho biramba, byimukanwa n'ibitimukanwa. Muri ibyo, harimo amazu, imodoka, n'ibikoresho byo mu biro n'ibyo mu ngando.

Mu bifite agaciro kanini, usangamo amamodoka yahawe by'agateganyo n'ibigo cyangwa abantu bahagarariye inzego za Leta.

Amamodoka

- Komisiyo ifite imodoka 21 ariko nyinshi muri zo zirashaje. Cumi n'imwe ziri ku kicaro gikuru naho 10 zibarizwa mu Ntara. Izi modoka zo mu Ntara zikaba ari inkunga y'umushinga wa "Union Européenne".

- Amafaranga yazigenzeho agaragarira muri raporo y'icungamari.

IBIKORESHO BY'IBIRO

Komisiyo ifite Ibyuma kabuhariwe (Computers) nini zo mu biro mirongo ine n'eshatu (43) na Computers zigendanwa (Laptop) zirindwi (7). Ifite kandi utwuma tubika umuriro w'amashanyarazi (Power supplies) mirongo itatu (30) n'ibyuma bisohora impapuro (Printers) mirongo itatu 30. Gusana ibi bikoresho; bikorwa n'Isosiyete yatsindiye isoko ry'isana yitwa SOBITEK .

- Mu bikoresho bindi by'ibiro, Komisiyo ifite imashini zifotora (Photocopieuses) na fax machine. Hari kandi ibikoresho by'itumanaho n'itangazamakuru, n'ibyunganira abakozi mu mirimo yabo ya buri munsi (intebe, ameza, utubati n'ibindi....).

AMAZU

Komisiyo ntifite amazu cyangwa ibiro byayo bwite ikoreramo. Igorofa iri mu mujyi rwagati, mu Karere ka Nyarugenge ni yo Komisiyo yatijwe ngo ikoreremo. Iyo nzu ariko ikeneye gusanwa. Ubu Komisiyo ikorera mu nzu y'inkodeshanyo iri mu Karere ka Kacyiru, ariko abakozi bamwe bakaba bagikorera muri iyo nzu yo mu mujyi. Uretse izo nyubako kandi Komisiyo ifite iziri i Nkumba mu Ntara ya Ruhengeri ubu zigeze mu mirimo y'isozwa.

IBIKORESHO BY'INGANDO

Ingando zikenera ibikoresho bitandukanye nk'ibiribwa, imiti, ibiryamirwa, inkwi, ibikoresho by'isuku, amavuta y'imodoka n'ibindi. Izo Ngando zose rero zaba izabereye hano mu mujyi wa Kigali (Kinyinya), mu Ruhengeri (Musanze na Busogo) ndetse n'ahandi, zatwaye ibikoresho bifite agaciro kanini, ibyo zatwaye nazo bigaragarira muri raporo y'icungamari.

INAMA NKURU Y'IGIHUGU K'UBUMWE N'UBWIYUNGE N'IY'ABANA.

Muri izi nama, hakenewe ibikoresho bitandukanye ndetse n'amaserevisi nk'amacumbi, amatike y'indege y'abaje kwitabira inama, amavuta y'imodoka, ibikoresho byo biro, itumanaho n'ibindi; ibi bikoresho bivuzwe byatumye izi nama zombi zigenda neza.

6. INZITIZI KOMISIYO YAHUYE NAZO MU GUSHYIRA MU BIKORWA IYI GAHUNDA

Mu gushyira mu bikorwa iyi gahunda Komisiyo yahuye n'inzitizi zikurikira:

1. Amikoro adahagije ugereranyije n'inshingano za Komisiyo, bityo ibikoresho ntibibonekere igihe bikenewe, Ingengo y'imari nayo itabonekera igihe.

2. Nyuma y'ivugurura Komisiyo yakoze mu mwaka w'i 2003, mu gihe Komisiyo yari itangiye kubaka ubushobozi bw'abakozi binjiye mu myanya mishya, hahise hatangira ivugururwa ry'inzego za Leta. Ibi byahungabanyije imikorere ya Komisiyo muri rusange.

3. Ikibazo cy'ingengabitekerezo ya jenoside

Nyuma y'uko ingengabitekerezo ya jenoside yigaragarije hirya no hino mu gihugu, Komisiyo yahise yihutira kwiga kuri icyo kibazo gishingiye ku myumvire, kigaragara ko kibangamiye ubuzima n'imibereho by'abanyarwanda.

Muri raporo zitandukanye zakozwe na Komisiyo, urugero: Raporo y'ibiganiro ngishwanama byakozwe mu Ukuboza 2003 – Mutarama 2004; abaturage bagaragaje ko hariho ibibazo by'amacakubiri no gupfobya jenoside. Na nyuma yo gusesengura raporo y'Abadepite kuri iriya ngengabitekerezo, Komisiyo yasanze ari imbogamizi ikomeye ku bumwe n'ubwiyunge igomba gukurikiranwa by'umwihariko kuko igaragarira muri bamwe mu banyarwanda n'imiryango itegamiye kuri Leta.

Zimwe mu ngamba zo kurwanya iriya ngengabitekerezo:

Kwigisha itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri nk'ingamba yifashishwa mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri rihana ababiba amacakubiri cyane mu nkiko gacaca no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, bikaba ari ngombwa ko abanyarwanda benshi barimenya. Niyo mpamvu Komisiyo yarihiniye mu gatabo gato ubu rikaba ryaratangiye kwigishwa abanyarwanda b'ibyiciro binyuranye cyane cyane mu ngando n'ahandi Komisiyo itumirwa ngo irimenyekanishe.

Ibitaramo by'urubyiruko rwibumbiye muri FOJAR no mu itorero ISANGANO

Muri urwo rwego rwo kwigisha harwanywa ingengabitekerezo ya Jenoside, Komisiyo yakurikiraniye hafi ibitaramo mu Ntara by'Urubyiruko rwibumbiye muri FOJAR n'iby'Itorero ISANGANO bigamije gukangurira abanyarwanda Ubumwe n'ubwiyunge n'izindi gahunda nziza za Leta zirwanya amacakubiri. Nyuma y'imikino hatangwa ibiganiro n'ibibazo by'abaturage bigasubizwa. Bigaragara ko ariya matorero afite akamaro cyane kuko abaturage bayitabiriye ari benshi.

Ariko kubera igihe gito aba afite usanga gahunda ikozwe huti huti cyangwa se bwije bityo inyigisho zose ntizishobore gutangwa. Byahabwa rero umwanya, ayo matorero akajya ajya mu Ntara imwe afite umwanya uhagije.

Ibiganiro n'Ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda

Mu rwego rwo kwigisha harwanywa ingengabitekerezo ya Jenoside, Komisiyo yagiranye ibiganiro n'ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda hirya no hino mu Ntara birimo:

- Abanyeshuri n'Abarimu
- Abaturage ku mirenge
- Abayobozi b'inzego z'ibanze
- Abanyamadini
- Itangazamakuru

4. Ubwitabire buke mu Nkiko Gacaca n'ihohoterwa ry'abatangabuhamya n'abacitse ku icumu.

5. Kutavugisha ukuri kuri Jenoside no kuyitiranya n'ubundi bwicanyi.

6. Imyumvire idahwitse ku kigega FARG.

7. Imvugo yo gukomatanya (globalisation) n'amarangamutima ashingiye ku kwisuganya ku kibi (collective guilt).

8. Bamwe mu bayobozi ba Leta, amadini na Sosiyete sivile barangwa n'amacakubiri n'imvugo ebyiri.

9. Inama y'abana ndetse no kwibuka Jenoside ku nshuro ya 10 bigaragaza ko Abanyarwanda benshi bacyugarijwe n'ikibazo cy'ihahamuka.

10. Umutekano muke mu Karere k'Ibiyaga Bigari utezwa n'imitwe igifite intwaro nk'interahamwe, abamayimayi na FNL Palipehutu.

Ikigaragara ni uko ubwiyunge atari ikivi cyuswa umunsi umwe cyangwa urugendo rufite aho rugarukira kuko impamvu zitera amacakubiri cyangwa amakimbirane zihoraho kandi zishobora kwifashishwa na buri wese ushyize inyungu ze imbere. Icyangombwa ni uguhora abantu bihatira kwirinda ibyasenya umuryango (sosiyete), kandi aho ibibazo byabonetse bigakemurirwa igihe. Urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge ruracyakomeza n'ubwo hari izi nzitizi, ariko igishimishije ni uko rwatangiye kandi abanyarwanda benshi bakaba barubonamo inyungu.

7. UMWANZURO

Raporo y'umwaka iba igamije gusuzuma no kureba niba gahunda urwego uru n'uru rwihaye rugitangira umwaka yakurikijwe kandi ikabasha gutanga umusaruro utegerejwe mu mpera zawo.

Muri iyi raporo rero, hagaragaye mo ibikorwa byinshi bigendana na gahunda Komisiyo yateguye kuva muri Mutarama kugeza mu kwezi k'Ukuboza (cfr. Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo, umwaka w' 2004). Aha twavuga nk'ingando z'abafunguwe baregwa ibyaha bisanzwe, iz'abayobozi n'iz'abanyeshuri bitegura kujya muri Kaminuza, Inama Nkuru y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, igikorwa cyo gutanga isakaro ku batishoboye, amanama anyuranye yakozwe n'ibindi.

Harimo kandi n'ibindi bikorwa, byagiye bituruka ku kungurana ibitekerezo kw'abakuriye amashami muri Komisiyo no mu Buyobozi Bukuru bwayo. Aha twatanga urugero rw'Inama Nkuru y'Abana, yabaye mu mpera za Mata, abana bagatanga ibitekerezo nk'iby'abantu bakuru byubaka ubumwe n'ubwiyunge. Nanone nk'uko imyihariko y'amashami n'iy' Intara ibigaragaza, uyu mwaka w'2004 wabayemo ibikorwa byinshi byasabye ingufu, ari iz'ibitekerezo n'izo gushakisha amikoro, byunganira gahunda zose ziba zafashwe. Ibi biragaragazwa na raporo y'ishami ry'Igenamigambi n'Icungamutungo, ku bijyanye no gushakisha amikoro akoreshwa muri gahunda ziteganywa ndetse n'izitungurana.

Komisiyo rero izakomeza gahunda yo kugeza ibikorwa bwayo ku bantu banyuranye, kugirango bayihe ibitekerezo, kandi ikomeze ibe urubuga rw'abashaka kubaka umuryango nyarwanda. Ku bwayo yifuza ko ibyo bitekerezo byayigeraho ari byinshi, binyuze mu nzira zinyuranye; ariko cyane cyane biciye mu ishami ryayo rishinzwe iby'Itumanaho n'Itangazamakuru ubu rigaragara ko ryavuguruwe. Ibi bizafasha abanyarwanda kureba niba inzira nziza bafashe yo kubaka ubumwe bwabo bayigendanamo bose ntawe usigaye inyuma. Ubumwe bwacu rero, niyo ntwaro ikomeye tuzifashisha duharanira iterambere ry'Igihugu cyacu.

8. IMIGEREKA

8.1. ICUNGAMARI MURI KOMISIYO

Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge kimwe n'izindi nzego za Leta ibona buri mwaka ingengo y'Imari muri MINECOFIN. Gusa na none kimwe n'ibindi bigo, ntabwo iyabona nkuko iba yarayasabye ndetse nta nubwo ibona ayo iba yaremerewe yose. Mu mwaka w'i 2004 ingengo y'imari ya Leta yemerewe Komisiyo yanganaga n'amafaranga miliyoni magana arindwi na cumi n'eshatu n'ibihumbi magana atunu na makumyabiri na bibiri n'ijana na mirongo itanu (RWF 713,522,150).

Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge cyakora na none ibona inkunga zivuye mu baterankunga batandukanye nkuko biza kugaragara muri iyi raporo.

lyi raporo iragaragaza amafaranga yose Komisiyo yabonye n'imirongo minini kuburyo yakoreshejwe.

AMAFRANGA YINJIYE MURI KOMISIYO MU MWAKA W'I 2004

Aho yaturutse	**Umubare**
Ayasagutse mu 2003 - BNR	33,266,796
Ingengo y'Imari ya Leta: 2004	651,286,756
Andi yinjiye ava muri leta	361,625,720
Igiteranyo (1)	**1,046,179,272**
Abaterankunga - Inama Nkuru y'Igihugu (Sommet National)	
Ayasagutse mu 2003	8,111,181
Union Europeenne	147,445,007
Ambasade y'Abahollande	14,341,123
Ocir Thé	500,000
BRD	2,989,750
RWANDATEL	5,000,000
HCR	5,000,000
ELECTROGAZ	1,000,000
COGEBANQUE	500,000
BK	500,000
BCR	500,000
BNR	2,000,000
UNICEF	52,540,778
Igiteranyo (2)	**240,427,839**
Yose Hamwe(1+2)	**1,286,607,111**

UKO YAKORESHEJWE

Ay'Ingengo y'imari 2004	**Umubare**
Imishahara	191,184,409
Fonctionnement	460,102,347
Andi y’injiye ava muri leta	
Ingando z'Abayobozi	304,055,720
Ingando z'Abagororwa	57,446,549
Igiteranyo (1)	**1,012,789,025**
Ay'Abaterankunga	
Ibikorwa bya Project ya EU	130,247,708
Inama Nkuru y'Igihugu ku Bumwe n'Ubwiyunge	89,286,809
Igiteranyo (2)	**219,534,517**
Yose Hamwe(1+2)	**1,232,323,542**

Amadorali y’injiye	**Umubare**
Ayasagutse - 2003	42,318
Igiteranyo	**42,318**

Uko yakoreshejwe	**Umubare**
Inama Nkuru y'Igihugu ku Bumwe n'Ubwiyunge	17,000
Ubushakashatsi ku ruhare rw'abagore mu kubaka amahoro	12,000
Igiteranyo	**29,000**

Andi mafaranga yateye inkunga Ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge atanyuze ku ma konti ya Komisiyo mu mwaka w'i 2004.

INKUNGA YA PNUD

- Kuri Sommet Nationale	$19,284
- Ku Ngando y'Abanyeshuri	$49,940
- kuri workshop mu byo gukemura amakimbirane	$19,929

Swiss Cooperation

Inkunga Kuri Sommet National	$14,000

PDRCIU

Ibikorwa by'ubukangurambaga	RWF 38,926,752 8

8.2. IMYANZURO Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANA

Abana bifatiye imyanzuro y'Inama yabo ku buryo bukurikira:

1. Uburenganzira ku gihugu

Abana barashaka kugira uruhare mu gutanga ibitekerezo byubaka igihugu, ni yo mpamvu bifuza:

- Kugira inzego z'abana uhereye ku murenge kugera ku rwego rw'Igihugu ;
- Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana yaba ngarukamwaka

2. Uburenganzira ku muryango

- Bagaragaje ko hari abana benshi birera, basaba ko abo bana bashyirwa mu miryango kandi bagakurikiranwa, kugirango uburenganzira bwabo bwitabweho;
- Ku bana bo mu mihanda: hashyirwaho uburyo bwo kuganira nabo ngo bamenye icyabateye kujya mu mihanda, abafite imiryango bakayisubizwamo, abagomba gushyirwa mu bigo bakabishyirwamo.

3. Uburenganzira ku burezi

- Amashuri y'ibyiciro byihariye cyane cyane ay'abana bafite ibibazo byihariye, yongerwe n'abarimu bahugurirwe kuyigishamo.
- Hakongerwa inkunga iteganywa na Leta ijyanye no kurihira abana batishoboye ;
- Abana bifuje ko ikigega cya MINALOC cyimurirwa muri MINEDUC kuko ari bo bashinzwe imyigire yabo ;

- Bifuje ko abana bose barangije umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, bose bakwiga icyiciro rusange (Tronc Commun) bakabona gukora ikizamini cya Leta ;

- Ku bana barengeje imyaka yo kwiga, hashyirwaho gahunda yo kubashakira uko biga.

4. Uburenganzira ku buzima

- Abana bifuje ko hatangwa imiti ku bana banduye SIDA;
- Bifuje kandi ko hashyirwaho umujyanama w'ihungabana kuri buri kigo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye ;
- Abana bahohotewe, bazapimishwe kandi babonerwe imiti.

5. Ubutabera

- Abana basabye ko abahohotera abana bakurikiranwa, imanza zabo zigacibwa vuba, kandi bagahanwa by'intangarugero.

Abana barangije basaba ko hashyirwaho Komite ku rwego rw'Igihugu yakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyavuye mu Nama.

INYANDIKO YO KWIYEM EZA (Statement of Commitment) YAGENEWE ABAYOBOZI

Mu gushyira umukono kuri iyi nyandiko, umuyobozi yerekanaga kandi akemera ko azubahiriz horo, ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda. Bityo, akaba yiyemeje gushyira mu bikorwa iyuba ry'uburenganzira bw'abana kandi agashyigikira gutoza abana kugira uruhare mu kubaka i cy'ubumwe n'amahoro.
Dore uko iyo nyandiko yari iteye:

Njyewe.....

Ndemeza ibyavuye mu Nama Nkuru y'Igihugu y'Abana kandi nkemera gushyigikira ku giti cyanjye/ikigo kuzagera kuri ibi bikurikira:

1. Gushyiraho uburyo burambye ku nzego zose aho abana bafatira ibyemezo. bakanakurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwabo:
2. Gushyiraho uburyo abana bose bakwiga bakanarangiza amashuri: abakobwa n'abahungu.
3. Kwita no kurinda abana b'infubyi n'abandi bana hari mu kaga.
4. Guhagarika ihohoterwa, gushora abana mu busambanyi no kuvunisha abana.
5. Kurwanya icyorezo cya SIDA.
6. Guharanira ko habaho umuryango urangwa n'amahoro, uruhare rw'abana mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge na gushyigikira ubatabera.

Umukono..... Itariki.....
Aho babarizwa.....

Iyi nyandiko yashyizweho umukono n'abayobozi batandukanye, baba ab'inzego za Leta, iz'a Sosiyete sivile n'abanyamadini, ndetse n'imiryango nterankunga.

Iyi nyandiko yashyizweho umukono n’abayobozi batandukanye, baba ab’inzego za Leta, iz’a Sosiyete sivile n’abanyamadini, ndetse n’imiryango nterankunga.
By'umwihariko, Nyakubahwa Perezida Repubulika ubwo yakiraga abana yashyize umukono kuri iyi nyandiko nk’uko bigaragara ku rupapuro rukurikira.

INTERGENERATIONAL DIALOGUE ON PEACE, UNITY AND RECONCILIATION IN RWANDA

A decade after genocide, a process of unity and reconciliation has evolved and culminated into a dialogue between children, parents, teachers, civil society and leaders at all levels. The active participation of children and the central role they played have positively contributed to a common commitment through generations. Following a two days summit of children in which more than 250 representatives of children from all the Districts of Rwanda gathered together to dialogue with the national leadership, a number of key commitments were made.

STATEMENT OF COMMITMENT

By signing to these commitments, you demonstrate and acknowledge accountability to ensure peace, unity and reconciliation in Rwanda. Thereby you commit to the fulfillment of the rights of the children and support the active participation and involvement of children in rebuilding a united and peaceful Rwanda.

I, Paul Kagame, endorse the outcome of the children summit and commit as an individual and/or an institution to achieve the following:

1. Putting in place sustainable mechanisms at all levels for children to participate in decision making and monitoring progress on realization of their rights
2. Ensuring access to and completion of quality education for all children, boys and girls
3. Caring for and protecting orphans and other vulnerable children
4. Stop defilement, sexual abuse and exploitation of children
5. Combat HIV/AIDS epidemic and strengthen interventions on children
6. Ensure a peaceful society, children's participation in the process of unity and reconciliation and support to timely discharge of justice.

Signature: PKagame. **Date :** 1st May 2004

Address: Office of the President.

8.3. IMYANZURO Y'INAMA NKURU Y'IGIHUGU KU BUMWE N'UBWIYUNGE: TARIKI YA 07 - 09 GICURASI 2004

1. Inama Nkuru y'Igihugu ku Bumwe n'Ubwiyunge yateranye ku nshuro ya gatatu nyuma y'imyaka icumi ibyagezweho mu nzira yo kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu miyoborere myiza n'iterambere ry'Igihugu muri rusange ari icyizere ku Rwanda rw'ejo hazaza;

2. Ubufatanye bw'Abanyarwanda bose n'uruhare rwa buri Munyarwanda birakenewe mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge. Abanyarwanda bakwiye kwiyumvisha no gusobanukirwa neza ibyerekeye jenoside n'itandukanyirizo ryayo n'ibindi byaha birinda imvugo zitirira abantu muri rusange ibikorwa cyangwa imvugo by'abantu ku giti cyabo cyangwa agatsiko k'abantu. Ibi birareba cyane cyane:

    - Inzego z'Ubuyobozi bwa Leta
    - Amadini
    - Abikorera ku giti cyabo
    - Imiryango itegamiye kuri Leta
    - Imitwe ya Politiki
    - Izindi nzego z'ibanze zihagarariye ibyiciro binyuranye by'abanyarwanda

3. Inama Nkuru y'Igihugu ku Bumwe n'Ubwiyunge yashimye kandi ishyigikira imyanzuro yavuye mu Nama y'Abana yabereye i Kigali, tariki ya 29 – 30/04/2004;

4. Kubahiriza uburenganzira bwa muntu, kubumbatira no gushyigikira umutekano n'amahoro, kuvoma ibyiza mu muco nyarwanda no kubahiriza amategeko ni inzira nyakuri yo guharanira ko jenoside itazasubira;

5. Hakwiye kujyaho itegeko n'amabwiriza ashishikariza buri munyarwanda wese kwitabira Inkiko Gacaca ku murenge atuyemo;

6. Abantu batireze bazahamwa n'icyaha cya jenoside bakwiye kuzahanwa ku buryo bw'umwihariko;

7. Hakwiye guteganywa ibihano bikomeye ku bapfobya jenoside n'ababangamira imikorere myiza y'Inkiko Gacaca cyane cyane ku basubira gukora icyo cyaha;

8. Abayobozi n'impuguke bakwiye gutanga urugero ku bandi baturage mu gutanga ubuhamya ku byo bazi cyangwa babonye igihe cya jenoside;

9. Ibibazo by'abacitse ku icumu bikwiye guhabwa umwanya w'ibanze mu nzira yo kunga Abanyarwanda; by'umwihariko abagore bafashwe ku ngufu bakanduzwa SIDA nkana bakwiye gufashwa mu buryo bwo kwivuza;

10. Hakwiye kujyaho amabwiriza ku biranga Ubunyarwanda no kugena ingamba z'uko bwashimangirwa hagaragazwa ibizira birimo kubusenya no kubusebya;

11. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifatanyije n'izindi Nzego isabwe kuzategura inyandiko yo gusaba Ibihugu n'Imiryango Mpuzamahanga kurwanya ibikorwa bipfobya jenoside

8.4. BIMWE MU BIKORWA BY'UBUMWE N'UBWIYUNGE BYITABIRIWE N'ABAYOBOZI BA KOMISIYO HAGATI MU GIHUGU NO MU MAHANGA

a. Ibikorwa by'Abayobozi ba Komisiyo mu gihugu

Bamwe mu bagize Inama y'Abakomiseri bitabiriye hirya no hino mu Gihugu ibikorwa bishyigikira ubumwe n'ubwiyunge muri uyu mwaka w'2004:

Dore ingero za bimwe muri ibyo bikorwa:

- Hatanzwe Ikiganiro mu ngando kuri politiki y'ubumwe n'ubwiyunge mu ngando z'abavuye ku rugerero, zabereye i Kinyinya mu mujyi wa Kigali gitangwa na Komiseri NSHIZIRUNGU Anselme .

- Hatanzwe Ibiganiro mu Bayobozi b'inzego z'ibanze mu Karere ka Kaduha ho mu Ntara ya Gikongoro biyobowe na Perezida wa NURC, HABYARIMANA Jean Baptiste afatanyije na Komiseri MPAYIMANA Elie na Padiri Emmanuel KAYUMBA.

- Ikiganiro ku butabera no kubaka imibanire mu banyarwanda cyagenewe abanyamakuru cyatanzwe na Visi Perezida wa Komisiyo Bwana Antoine RUTAYISIRE muri Intercontinental Hotel.

- Ikiganiro cyatanzwe ku bumwe n'ubwiyunge cyatangiwe i Nyamata ku butumire bwa I.F.C. (Ihuriro ry'Amadini).

- Ibiganiro byo gukangurira abanyeshuri ubumwe n'ubwiyurige n'uruhare rwabo mu kurwanya Ingengabitekerezo ya jenoside, byatanzwe muri KHI, KIE na GSO-Butare.

- Abayobozi ba Komisiyo bifatanyije n'amashuri mu kwizihiza isabukuru y'imyaka amaze ashinzwe ariyo: GSO y'I Butare na Groupe Scolaire Mater Dei y'i Nyanza.

- Ku butumire bwa Haut Conseil de la Presse, abayobozi ba Komisiyo bitabiriye Inama Nkuru y'Itangazamakuru.

- Ikiganiro ku bumwe n'ubwiyunge mu mahugurwa y'Abapasitori ba Eglise Méthodiste Libre au Rwanda /Cyangugu.

- Hafunguwe ku mugaragaro Inama ya ASSOCIATION UMUSEKE ifite intego yo gutoza abana bakiri bato umuco w'amahoro.

- Ibiganiro byatangiwe mu nama yabereye ku Gisenyi ku bufatanye na MINALOC, NURC, MINIJUST na IJR (Institute for Justice and Reconciliation - Ikigo giharanira Ubutabera n'Ubwiyunge) yo muri Afurika y'Epfo ku miyoborere myiza, ubutabera, ubumwe n'ubwiyunge.

- Ikiganiro cyatanzwe n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko mu giterane cy'abapasitori ba EER bagera kuri magana ane (400) baturutse mu gihugu cyose cyabereye mu Ruhengeri.

- Ikiganiro na FAGER (Forum des Associations Générales des Etudiants au Rwanda), byabereye muri UNR i Butare.

- Ibiganiro mu nama za Co-xistence Network igamije kubaka amahoro na Demokarasi.

Hitabiriwe inama nyinshi iz'ingenzi muri zo twavuga:

Inama itegura Conférence des Chefs d'Etats on Great Lakes Region yabereye muri Tanzanie; by'umwihariko Komisiyo yagize uruhare mu gutegura inyandiko k'uburenganzira n'ubutabazi, imwe mu ngingo yaganiriweho muri iyo Nama.

- Komisiyo yagize uruhare muri raporo uko u Rwanda rwisuzumye mu miyoborere, Komisiyo kandi ikaba yitabira inama ku buryo buhoraho.

- Inama kuri NEPAD

- Inama ya Restitution ku Bushakashatsi ku butaka : ubutumire bwa UNR

- Energy and Water Conference: Ubutumire bwa MINECOFIN.

- Inama n'Abagize SENA: Gushyikiriza Raporo y'umwaka w'2003 n' Igenamigambi rya Komisiyo mu mwaka w'2004.

- Inama mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda yo kwerekana Ingengo y'Imari y'u Rwanda y'umwaka w' 2005.

- Inama ya World Vision y'Abapasitori.

Umunyamabanga Nyubahirizategeko, Madamu Fatuma Ndangiza yitabiriye cyangwa atanga ibiganiro aha hakurikira:

- Mu busabane n'abaturage b'akarere ka Nyagisagara mu Ntara ya Gisenyi.

- Yitabiriye inama atanga n'ikiganiro mu nama rusange y'umuryango IBUKA mu kigo I Kabusunzu.

- Yitabiriye imihango yo gusoza amahugurwa ku Nkiko Gacaca mu Ntara ya Kibungo.

- Yifatanyije n'abaturage mu gutaha ibikorwa byabo byimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu Karere ka Bugaragara, mu Ntara y'Umutara.

- Yagendereye amashyirahamwe y'Ubumwe n'Ubwiyunge yo mu Ntara ya Kibungo (Rusumo) anatangiza igikorwa cyo gutanga amagare ku bakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge no gutanga amabati ku baturage batishoboye.

- Yifatanyije n'Abanya Rushashi mu busabane (journée de retrouvailles).

- Yitabiriye umuhango wo gutangiza Inama ya FFRP (Forum des Femmes Parlementaires)

- Yifatanyije n'abanyeshuri ba AERG-ULK mu gusoza icyunamo.

- Yahuye n'abaturage ba Byumba, abashyikiriza inkunga y'amabati ku batishoboye bo muri iyo Ntara n'amagare ku Bakangurambaga mu Turere twa Rebero na Kisaro.

- Yatangije ku mugaragaro Ikinamico ku bumwe n'ubwiyunge yakinwe n'urubyiruko rwa ZION TEMPLE.

- Yasoje gahunda y'inyigisho zivanze n'ikinamico bya FOJAR (Urubyiruko rugizwe n'abasirikare n'abasivili), byabereye i Nyamata.

- Yifatanyije n'abanya Kinihira mu busabane.

- Yaganiriye n'abakozi b'umushinga PDRCIU ku bijyanye no gushyigikira ubumwe n'ubwiyunge mu Ntara y'Umutara ku nkunga y'uwo mushinga.

Yakomereje kandi ibyo biganiro:

- Mu ngando z'abavuye ku rugerero i Mutobo mu Ntara ya Ruhengeri;

- Mu z'urubyiruko mu Karere ka Ngenda no muri Nyamata High School ku byerekeye kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside;

- Mu kiganiro yatanze mu Nama y'Abayobozi b'abari n'Abategarugori.

- Mu biganiro mu mahugurwa y'ihuriro ry'amadini (IFC) yabereye i Kigufi mu Ntara ya Gisenyi, akanabera mu Karere ka Humure ho mu Ntara ya Byumba no muri Hotel Novotel Umubano.

- Kuri Televiziyo y'u Rwanda naho yahatanze ikiganiro kerekeranye n'uruhare rw'umunyarwandakazi mu bumwe n'ubwiyunge.

- Mu kiganiro cyo kwibuka imyaka cumi ya Jenoside yo mu Rwanda.

- Mu rukiko rw'ikirenga ahatanzwe ikiganiro ku ruhare rw'umucamanza mu bumwe n'ubwiyunge.

- Mu kiganiro kuri Televiziyo ku bufatanye bwa MIGEPROFE ku nsanganyamatsiko yiswe: "Umuryango mwiza ni imbarutso y'Amahoro n'Iterambere rirambye".

- Mu nama ya UMC (Union of Muslim Councils for East, Central and Southem Africa), mu mwiherero w'abasenyeri ba EER i Byumba no mu Nama Nkuru y'Abasenyeri Gatolika (Conférence Episcopale du Rwanda).

- Mu gufunga Ingando zateguwe ku bufatanye bwa FARG, URC, na MVK z'urubyiruko rwo mu mujyi wa Kigali, bubakira abacitse kw'icumu.

- Mu kiganiro na RADIO 10 kuri " Journée Internationale de la Paix "

- (kiganiro ku bumwe n'ubwiyunge mu Bayobozi b'Intara ya Gikongoro cyabereye i Nyanza, n'aba Butare cyabereye mu Ruhengeri.

- Mu biganiro n'urubyiruko rwari mu biruhuko, byabereye muri IFAK.

- Mu gusoza ingando z'abanyeshuri bajya muri za Kaminuza abereye Musanze na Busogo ho mu Ntara ya Ruhengeri.

- Mu kiganiro ku bumwe n'ubwiyunge n'intumwa z'urubyiruko rwa Diyoseze ya Cyangugu.

- Mu biganiro n'abanyeshuri bari muri AGEUNR i Butare.

Izi ni zimwe mu ngero nyinshi zigaragaza ubwitange bw'abayobozi bakuru ba NURC ba kwitabira ibikorwa binyuranye biteza imbere inzira y'ubumwe n'ubwiyunge.

b. UBUTUMWA MU MAHANGA

Mu rwego rwo kumenyekanisha ibigenda bigerwaho na NURC no kubonana n'abanyarwanda mu mahanga, abayobozi ba Komisiyo bagiriye ubutumwa mu bihugu bitandukanye.

Abo bayobozi barimo Visi Perezida wa NURC Antoine RUTAYISIRE wagiye i Bonn n'i Berlin mu gihugu cy'ubudage ndetse no muri Leta zunze ubumwe za Amerika n'Umunyabanga Nyubahirizategeko wagiye i Maputo ho muri Mozambique, i Munich ho mu Budage n'i Vienne muri Autrichiya. By'umwihariko aho i Vienne hatangijwe ihuriro ry'abanyarwanda baba yo. Naho muri Kamena n'Ugushyingo yakoreye urundi rugendo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika no muri Canada.

8.5. ABASHYITSI BASUYE KOMISIYO

Komisiyo nk'urwego rukorana n'izindi nyinshi, zaba izo mu gihugu imbere cyangwa izo mu mahanga, isurwa n'abashyitsi banyuranye b'izo nzego hagamijwe kungurana ibitekerezo ku ntambwe igenda iterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu gihugu cyacu.

Dore bamwe muri abo bashyitsi Komisiyo yakiriye muri uyu mwaka wa 2004: Hari:

- Baroness Linda Chalker; ukuriye ishyirahamwe " Africa Matters Limited".
- Christian GARIM, wa Initiatives pour changement CAUX, Switzeland.
- Bwana Wolf Grundies; Umunyamabanga wa mbere muri ambasade y'Ubudage.
- Jules BATCHONO ushinzwe imirimo yo guteza imbere Komisiyo ya Afrika y'uburenzira bw'ikiremwamuntu n'abari bamuherekeje.
- Keitaro SATO ; Ambasaderi w'ubuyapani ushinzwe ibirebana n'amakimbirane n'impunzi.
- Fiona Martins, intumwa y'ishyirahamwe "Africa Matters Limited" mu Nama Nkuru ku bumwe n'ubwiyunge.
- Ukuriye Komite Mpuzamahanga y'Umuryango utabara imbabare n'abari bamuherekeje
- Jensen Klaus wo mun "Fondation Klaus Jevsen" yo muri Jumelage ya Rhénanie-Palatinat.
- James MOOR umukozi wa Minisiteri y'ububanyi n'amahanga mu Budage ushinzwe u Rwanda n'u Burundi.
- Toda TAKAO wo muri JICA (Japan International Cooperation Agency) Umuyobozi wa GTZ.
- Dr Laurel Rose, Umushakashatsi wo muri Carnegie Mellon University yo muri Amerika wari waje gukora ubushakashatsi ku bibazo by'ubutaka n'ubumwe n'ubwiyunge.
- Abanyeshuri b'abanyamerika bo muri Oxford.
- Bwana DAGMARS FORLAND, Représentant wa NPA Nils Rohne, Head of International Department muri NPA.
- Abanyeshuri bo muri University of Rbskile-Denmark ari bo : Eva Louise Tango, Pia Duus Jensen na Gedske Messel.

- Anne Morris, Umuyobozi wa CARE Umuyobozi wa TROCAIRE Abanyeshuri ba "Zambia Defense Services Command and Staff College".

- Father Michael LAPSLEY wari uturutse muri Afurika y'epfo witangiye kurwanya apartheid muri Afurika y'epfo. Akaba yaraganiriye abakozi ba Komisiyo ku mateka ye kuri apartheid no kuri jenoside yabereye mu Rwanda.

- Michel Dunia Hategekimana wari uvuye mu Bwongereza watanze ikiganiro kuri CNV (Communication Non Violente).
- Angela Nicoara : Country Director wa Inter-News

- Aden de la Cour wo muri Karuna Center yo muri Amerika Abagize Board ya SIDA

- KOFI HAGAN, Country Director wa World Vision Uhagarariye UNICEF mu Rwanda

- Maude Svenson (Senior Economist Consultant Poverty Reduction Group) ku bijyanye na Poverty Reduction Group.

- Minisitiri wa Cooperation, Economie et Dévelopment w'Abadage EZRA M. SIGWELA, Ambasaderi wa Afurika y'Epfo mu Rwanda Nhala Valjr wo muri CSVR (Centre for the Study of Violence Reconciliation) Uwacyuye igihe mu guhagararira CICR mu Rwanda n'uwamusimbuye Carole Vignon, impuguke muri IBUKA na HCR.

- Ambasaderi mushya w'Ubufaransa : Dominique DECHERF.

- Delegation yoherejwe na Ambassade y'abaholandi yo muri Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga y'Ubuholandi.

- Carina Tertsakian, Umushakashatsi ku bijyanye na jenoside n'ubwiyunge.

- Abanyeshuri ba Ghana Armed Forces Command and *Staff College* na Zambia *Defense* Services *Command and Staff College.*

- Umuyobozi wa ALARM (African Leadership and Reconciliation Ministries) hamwe na delegation yari yabagendeye ya "Lousanne Reconciliation Project".

- Abashyitsi ba INTERNATIONAL ALERT:Dan SMITH (SG) na LIZ EGAN (Program Manager)

Abanyamakuru b'ibinyamakuru byandika, Radio na Television binyuranye baganiriye n’abayobozi bakuru ba Komisiyo mu rwego rwo kumenya ibyo igenda igeraho. Bimwe muri ibyo binyamakuru ni ibi:

- East-African Standard, East African, New Times

- REUTERS, Fortune Magazine

- Global Business
- Jeune Afrique lntelligent
- Washington Post, New York times, BBC
- Associated Press
- The Global and the Mail
- Los Angeles Times
- Internews
- Japan Broadcasting Corporation
- Irish National Television and National Newspaper
- Canadian Television
- American Television
- Suiss RadItalian Journalists
- VOA, Radio Deutschewelle
- MONITOR cyo muri Uganda
- SABC yo muri Afurika y'Epfo

IMBONERAHAMWE YA KOMISIYO: KANAMA 2003